Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup

Amategeko / Laws / Lois

N° 12/2014 ryo ku wa 09/05/2014
Itegeko rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ishyinguranyandiko na Serivisi z'Inkoranyabitabo (RALSA), rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo……2
N° 12/2014 of 09/05/2014
Law establishing Rwanda Archives and Library Services Authority (RALSA) and determining its mission, organization and functioning ……2
N° 12/2014 du 09/05/2014
Loi portant création de l'Office Rwandais des Archives et Services de Bibliothèques (RALSA) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement ……2

N° 13/2014 ryo ku wa 20/05/2014
Itegeko rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri……..16
N° 13/2014 of 20/05/2014
Law on mining and quarry operations ……...16
N° 13/2014 du 20/05/2014
Loi portant exploitation des mines et carrières ……..16

N° 13 ter/ 2014 ryo kuwa 21/05/2014
Itegeko ryerekeye impunzi……...71
N° 13 ter/ 2014 of 21/05/2014
Law relating to refugees……...71
N° 13 ter/ 2014 du 21/05/2014
Loi relative aux réfugiés…….....71

ITEGEKO N° 12/2014 RYO KUWA 09/05/2014 RISHYIRAHO IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE ISHYINGURANYANDIKO NA SERIVISI Z'INKORANYABITABO (RALSA), RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO

LAW N°12/2014 OF 09/05/2014 ESTABLISHING RWANDA ARCHIVES AND LIBRARY SERVICES AUTHORITY (RALSA) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANIZATION AND FUNCTIONING

LOI N° 12/2014 DU 09/05/2014 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS DES ARCHIVES ET SERVICES DE BIBLIOTHEQUES (RALSA) ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo 2: Ibisobanuro by'amagambo

Ingingo ya 3: Icyicaro cya RALSA

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RALSA

Ingingo ya 4: Inshingano za RALSA

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RALSA N'ICYICIRO IRIMO

Ingingo ya 5: Urwego rureberera RALSA n'icyiciro irimo

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA RALSA

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

Article 2: Definition of terms

Article 3: Head office of RALSA

CHAPTER II: MISSION OF RALSA

Article 4: Mission of RALSA

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RALSA AND ITS CATEGORY

Article 5: Supervising authority of RALSA and its category

CHAPTER IV: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF RALSA

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

Article 2: Définitions des termes

Article 3: Siège de RALSA

CHAPITRE II: MISSIONS DE RALSA

Article 4: Missions de RALSA

CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE RALSA ET SA CATEGORIE

Article 5: Autorité de tutelle de RALSA et sa catégorie

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RALSA

Ingingo ya 6 : Inzego z'ubuyobozi za RALSA	**Article 6: Management organs of RALSA**	**Article 6: Organes de direction de RALSA**
Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi	**Section One: Board of Directors**	**Section première: Conseil d'Administration**
Ingingo ya 7: Inama y'Ubuyobozi	**Article 7: Board of Directors**	**Article 7: Conseil d'Administration**
Ingingo ya 8: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama	**Article 8: Sitting allowances for members of the Board of Directors**	**Article 8 : Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration**
Ingingo ya 9: Ibitabangikanywa no kuba nu Nama y'Ubuyobozi	**Article 9: Incompatibilities with membership of the Board of Directors**	**Article 9 : Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil d'Administration**
Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru	**Section 2: General Directorate**	**Section 2: Direction Générale**
Ingingo ya 10: Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RALSA	**Article 10: Composition of the General Directorate of RALSA**	**Article 10: Composition de la Direction Générale de RALSA**
Ingingo ya 11: Sitati igenga abakozi ba RALSA n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba RALSA	**Article 11: Statutes governing staff of RALSA and benefits of members of the General Directorate and staff members of RALSA**	**Article 11: Statut du personnel de RALSA et appointements accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel de RALSA**
Ingingo ya 12: Imiterere, imikorere, n'inshingano by'inzego z'imirimo za RALSA	**Article 12: Organization, functioning and responsibilities of RALSA organs**	**Article 12: Organisation, fonctionnement et attributions des organes de RALSA**
UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI	**CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE**	**CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES**
Ingingo ya 13: Umutungo wa RALSA n'inkomoko yawo	**Article 13: Property of RALSA and its sources**	**Article 13: Patrimoine de RALSA et ses sources**
Ingingo ya 14: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo	**Article 14: Use, management and audit of the property**	**Article 14: Utilisation, gestion et audit du patrimoine**
Ingingo ya 15: Iyemeza n'imicungire by'ingengo	**Article15: Approval and management of the**	**Article 15: Adoption et gestion du budget de**

y'imari ya RALSA	**budget of RALSA**	**RALSA**
Ingingo ya 16: Raporo y'umwaka w'ibaruramari	**Article 16: Annual financial report**	**Article 16 : Rapport annuel de l'exercice comptable**
UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 17: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 17: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 17: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 18: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 18: Repealing provision**	**Article 18: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 19: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa	**Article 19: Commencement**	**Article 19: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N° 12/2014 RYO KU WA 09/05/2014 RISHYIRAHO IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE ISHYINGURANYANDIKO NA SERIVISI Z'INKORANYABITABO (RALSA), RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 20 Werurwe 2014;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 14 Gashyantare 2014;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 51, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 91, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 113, iya 118, iya183 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009/ OL ryo

LAW N°12/2014 OF 09/05/2014 ESTABLISHING RWANDA ARCHIVES AND LIBRARY SERVICES AUTHORITY (RALSA) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANIZATION AND FUNCTIONING

We, KAGAME Paul,
The President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 20 March 2013;

The Senate, in its session of 14 February 2014;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 51, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 91, 92, 93, 95, 108, 113, 118, 183 and 201;

Pursuant to Organic Law n° 06/2009/ OL of

LOI N° 12/2014 DU 09/05/2014 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS DES ARCHIVES ET SERVICES DE BIBLIOTHEQUES (RALSA) ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, en sa séance du 20 mars 2014 ;

Le Sénat, en sa séance du 14 février 2014;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 51, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 91, 92, 93, 95, 108, 113, 118, 183 et 201;

Vu la Loi Organique n° 06/2009/ OL du

ku wa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye Ibigo bya Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ;

21/12/2009 establishing general provisions governing public institutions as modified and complemented to date;

21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux établissements publics telle que modifiée et complétée à ce jour ;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ishyinguranyandiko na Serivisi z'Inkoranyabitabo cyitwa "RALSA" mu magambo ahinnye y'Icyongereza. Rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.

RALSA ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo kandi icungwa hakurikijwe amategeko agenga ibigo bya Leta.

Article One: Purpose of this Law

This Law establishes Rwanda Archives and Library Services Authority, abbreviated as "RALSA". It also determines its mission, organisation and functioning.

RALSA shall have legal personality, administrative and financial autonomy and shall be governed in accordance with laws governing public institutions.

Article premier : Objet de la présente loi

La présente loi porte création de l'Office Rwandais des Archives et Services de Bibliothèques, dénommé RALSA en sigle anglais. Elle détermine également ses missions, son organisation et son fonctionnement.

RALSA est doté de la personnalité juridique, de l'autonomie financière et administrative et est géré conformément aux lois régissant les établissements publics.

Ingingo 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa mu buryo bukurikira:

1° **Isomero:** ahantu habugenewe hakusanyirizwa ibitabo n'izindi nyandiko cyangwa ibihangano bitanga amakuru, byaba bibitswe mu buryo busanzwe cyangwa bw'ikoranabuhanga hagenewe gusomera, haba aha Leta cyangwa

Article 2: Definition of terms

For the purpose of this Law, the following terms shall have the following meanings:

1° Library: any public or private place with a collection of documents or other information medium that are kept physically or electronically for reading purpose;

Article 2: Définitions des termes

Aux fins de la présente loi, les termes suivants ont des significations suivantes :

1° **Bibliothèque:** tout lieu public ou privé abritant une collection d'ouvrages ou tout autre support physique ou électronique d'informations destinés à la consultation ;

ah'abikorera;

2° **Ikigo cy'Igihugu cy'Ishyinguranyandiko na Serivisi z'Inkoranyabitabo:** Ikigo cy'Igihugu gihuriza hamwe Ishyinguranyandiko na Serivisi z'Inkoranyabitabo by'Igihugu;

3° **Inkoranyabitabo y'Igihugu:** ishami ryashyizweho na Leta rishinzwe kwakira mu buryo bwemewe n'amategeko ibyanditswe ku Gihugu cyangwa mu Gihugu;

4° **Ishyinguranyandiko ry'Igihugu:** ishami r**y**ashyiriweho kwakira, kubika no kubungabunga inyandiko zifitiye igihugu akamaro n'iziranga amateka;

5° **Serivisi z'inkoranyabitabo:** imirimo ijyanye no gutira, gutirura, gufata ifatabuguzi ryo gusoma no gusoma ikorerwa mu Nkoranyabitabo y'Igihugu no mu masomero.

2° Rwanda Archives and Library Services Authority: a national institution merging the national archives and library services;

3° National Library: a department established by Government to serve as legal depository of all publications produced about or within the country;

4° National Archives: a department established for collecting, keeping and preserving documentary resources that are nationally significant and have historical value;

5° Library services: services related to the borrowing and return of documents, subscription to have access to reading and those related to reading that are provided within the National Library and libraries.

2° **Office Rwandais des Archives et services de Bibliothèques:** une institution nationale qui centralise les archives et les services de bibliothèque nationaux ;

3° **Bibliothèque Nationale:** un département mis en place par l'Etat pour servir de dépôt légal de toutes les publications produites sur le pays ou dans le pays;

4° **Archives Nationales:** un département établi pour recueillir, conserver et préserver les ressources documentaires qui ont une importance nationale et une valeur historique;

5° **Services de bibliothèques:** services ayant trait à l'emprunt et au retour des ouvrages, à l'abonnement pour accès à la lecture et ceux ayant trait à la lecture réalisés au sein de la Bibliothèque Nationale et des bibliothèques.

Ingingo ya 3: Icyicaro cya RALSA

Icyicaro cya RALSA kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose muri Repubulika y'u Rwanda mu gihe bibaye ngombwa.

RALSA ishobora kugira amashami ahandi hose mu gihugu bibaye ngombwa kugira ngo igere ku

Article 3: Head office of RALSA

The head office of RALSA is located Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in the Republic of Rwanda if considered necessary.

In order to fulfil its mission, RALSA may have branches elsewhere in the country if considered

Article 3: Siège de RALSA

Le siège de RALSA est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

En vue d'accomplir sa mission, RALSA peut, en cas de nécessité, établir des branches en tout autre

nshingano zayo, byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RALSA

Ingingo ya 4: Inshingano za RALSA

RALSA ifite inshingano zikurikira:

1° gushyira mu bikorwa politiki ya Guverinoma mu bijyanye n'Ishyinguranyandiko na Serivisi z'Inkoranyabitabo;

2° kugira inama Guverinoma kuri politiki n'ingamba bijyanye n'imicungire y'Ishyinguranyandiko na Serivisi z'Inkoranyabitabo;

3° gukora gahunda yo guteza imbere no gushyigikira imikorere y'Ikigo gishinzwe Ishyinguranyandiko na Serivisi z'Inkoranyabitabo;

4° gushakisha no kwakira umutungo w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ishyinguranyandiko na Serivisi z'Inkoranyabitabo;

5° gukora ubushakashatsi ku byerekeye Ishyinguranyandiko na Serivisi z'Inkoranyabitabo no gutangariza Guverinoma n'abaturage ibyavuyemo;

6° haseguriwe ibijyanye n'inyandiko z'umutekano, kwakira inyandiko za Leta

necessary, upon approval by a Prime Minister's Order.

CHAPTER II: MISSION OF RALSA

Article 4: Mission of RALSA

RALSA shall have the following mission:

1° to implement Government policy on archives and library services;

2° to advise the Government on policies and strategies related to the management of archives and library services;

3° to plan the program designed to develop and promote the functioning of the Archives and Library Services Authority;

4° to mobilize and raise funds for Rwanda Archives and Library Services Authority;

5° to conduct research in the area of archives and library services and disseminate findings thereof to the Government and the public;

6° subject to classified documents, to acquire, process and preserve public and private

lieu du territoire national sur approbation d'un arrêté du Premier Ministre.

CHAPITRE II: MISSIONS DE RALSA

Article 4: Missions de RALSA

RALSA a les missions suivantes:

1° mettre en œuvre la politique du Gouvernement en matière d'archives et de services de bibliothèques ;

2° conseiller le Gouvernement sur les politiques et stratégies relatives à la gestion des archives et des services de bibliothèques ;

3° planifier le programme de développement et de promotion du fonctionnement de l'Office des Archives et Services de Bibliothèques ;

4° mobiliser et collecter des fonds pour l'Office Rwandais des Archives et Services de Bibliothèques ;

5° mener des recherches dans le domaine des archives et des services de bibliothèques et diffuser les résultats au Gouvernement et au public ;

6° sous réserve des documents classés secrets, acquérir les documents publics et privés, les

n'iz'abikorera, kuzitunganya, kuzishyingura no kuzishyira ahagaragara kugira ngo zikoreshwe;

7° gutanga amabwiriza ku micungire y'inyandiko zigomba kugumanwa n'izigomba gukurwaho, no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo;

8° guteza imbere umuco wo gusoma no kwandika;

9° gutegura no gutanga ibipimo ngenderwaho by'Igihugu ku byiciro byose by'inkoranyabitabo hagaragaramo nibura ibipimo birebana n'inyubako, amasomero na serivisi z'imirimo;

10° guha, ubisabye, nomero ku nyandiko zitangazwa;

11° gukurikirana no kwakira kopi z'ibihangano, mu gihe hari ibivuga ku Gihugu;

12° gutsura umubano n'ibigo n'imiryango byo mu gihugu n'ibyo hanze y'u Rwanda bifite Ishyinguranyandiko na Serivisi z'Inkoranyabitabo mu nshingano zabyo, ndetse n'ibindi byafasha RALSA kugera ku nshingano zayo.

Iteka rya Minisitiri ufite ishyinguranyandiko na serivisi z'inkoranyabitabo mu nshingano ze rigena uburyo bwo gushyingura inyandiko mu

records and make them accessible to the public;

7° to issue instructions relating to the management of records to be retained and disposed of and monitor their implementation;

8° to contribute to the promotion of the reading and writing culture;

9° to develop and avail national standards for all types of libraries including at least standards relating to infrastructure, libraries and technical services;

10° to assign, upon request, a number to documents for publication;

11° to monitor and receive copies of works in case such works relate to the country;

12° to engage in partnerships with agencies and organizations in charge of archives and library services that are based inside and outside Rwanda and with other agencies and organizations that can help RALSA fulfil its mission.

An Order of the Minister in charge of archives and library services shall determine procedures for preservation of documents in archives and

traiter, les conserver et les rendre disponibles pour la consultation publique ;

7° donner des instructions relatives à la gestion des documents à conserver et à détruire et en assurer la mise en application ;

8° contribuer à la promotion de la culture de la lecture et de l'écrit ;

9° élaborer et rendre disponibles les normes nationales pour toutes les catégories de bibliothèques notamment les normes en matière d'infrastructure, de bibliothèques et de services techniques ;

10° attribuer, à la demande, un numéro aux ouvrages pour publication ;

11° suivre et recevoir les copies des œuvres au cas où celles-ci portent sur le pays ;

12° entretenir des relations de partenariat avec les agences et les organisations ayant les archives et les services de bibliothèques dans leurs attributions œuvrant tant à l'intérieur qu'à l'extérieur du Rwanda et avec d'autres organes pouvant aider RALSA à accomplir sa mission.

Un arrêté du Ministre ayant les archives et les services de bibliothèques dans ses attributions détermine les modalités de conservation des

Nshyinguranyandiko no mu Nkoranyabitabo, rigena kandi urutonde na kopi z'ibihangano bigomba gushyikirizwa Ikigo cya RALSA.

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RALSA N'ICYICIRO IRIMO

Ingingo ya 5: Urwego rureberera RALSA n'icyiciro irimo

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena urwego rureberera RALSA n'icyiciro irimo.

Hagati y'urwego rureberera RALSA n'urwego rufata ibyemezo hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agaragaza ububasha, uburenganzira n'inshingano za buri ruhande mu kugeza RALSA ku nshingano zayo.

Ayo masezerano amara igihe gihwanye na manda y'abagize Inama y'Ubuyobozi.

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA RALSA

Ingingo ya 6 : Inzego z'ubuyobozi za RALSA

RALSA igizwe n'inzego z'ubuyobozi ebyiri (2) zikurikira:

1° Inama y'Ubuyobozi ;

libraries and it shall also determine the list of copies of works to be submitted to RALSA.

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RALSA AND ITS CATEGORY

Article 5: Supervising authority of RALSA and its category

A Prime Minister's Order shall determine the supervising authority of RALSA and its category.

There shall be concluded between the supervising authority of RALSA and its decision-making organ a performance contract indicating powers, rights and obligations of each party in order for RALSA to fulfil its mission.

Such a contract shall be valid for a period equal to the term of office of the members of the Board of Directors.

CHAPTER IV: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF RALSA

Article 6: Management organs of RALSA

RALSA shall be comprised of the two (2) following management organs:

1° the Board of Directors;

ouvrages dans les archives et les bibliothèques et il détermine aussi la liste des copies des œuvres devant être soumises à RALSA.

CHAPITRE III: ORGANE DE TUTELLE DE RALSA ET SA CATEGORIE

Article 5: Autorité de tutelle de RALSA et sa catégorie

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organe de tutelle de RALSA et sa catégorie.

Il est conclu entre l'organe de tutelle de RALSA et son organe de décision un contrat de performance déterminant les compétences, les droits et les obligations de chaque partie en vue de la réalisation de la mission de RALSA.

Ce contrat est valide pour une durée égale au mandat des membres du Conseil d'Administration.

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RALSA

Article 6: Organes de direction de RALSA

RALSA est doté de deux (2) organes de direction suivants :

1° le Conseil d'Administration ;

2° Ubuyobozi Bukuru.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena izindi nzego za ngombwa kugira ngo RALSA igere ku nshingano zayo.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 7: Inama y'Ubuyobozi

Inama y'Ubuyobozi ya RALSA ni rwo rwego ruyiyobora kandi rufata ibyemezo. Ububasha, inshingano n'imikorere byayo kimwe n'igihe abayigize bamara ku mirimo yabo bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Iteka rya Perezida rishyiraho abagize Inama y'Ubuyobozi harimo Perezida na Visi Perezida. Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere byabo.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

Ingingo ya 8: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama

Abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi bagenerwa amafaranga agenwa n'Iteka rya Perezida.

2° the General Directorate.

A Prime Minister's Order may establish other relevant organs in order for RALSA to fulfil its mission.

Section One: Board of Directors

Article 7: Board of Directors

The Board of Directors of RALSA shall be its governing and decision-making organ. The competence, responsibilities, functioning and term of office of its members shall be determined by a Prime Minister's Order.

A Presidential Order shall appoint members of the Board of Directors including the Chairperson and the Deputy Chairperson. Members of the Board of Directors shall be selected on the basis of their competence and expertise.

At least thirty per cent (30%) of the members of the Board of Directors shall be female.

Article 8: Sitting allowances for members of the Board of Directors

Members of the Board of Directors present in the meetings of the Board of Directors shall be entitled to sitting allowances determined by a Presidential Order.

2° la Direction Générale.

Un arrêté du Premier Ministre peut déterminer d'autres organes nécessaires à la réalisation de la mission de RALSA.

Section première: Conseil d'Administration

Article 7: Conseil d'Administration

Le Conseil d'Administration de RALSA est son organe de direction et de décision. Ses compétences, attributions, fonctionnement et la durée du mandat de ses membres sont déterminés par un arrêté du Premier Ministre.

Les membres du Conseil d'Administration dont un Président et un Vice-président sont nommés par arrêté présidentiel. Ils sont choisis sur base de leur compétence et de leur expertise.

Trente pour cent (30%) au moins des membres du Conseil d'Administration doivent être de sexe féminin.

Article 8 : Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration présents aux réunions du Conseil d'Administration bénéficient des jetons de présence dont le montant est déterminé par un arrêté présidentiel.

Ingingo ya 9: Ibitabangikanywa no kuba nu Nama y'Ubuyobozi

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri RALSA.

Ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane, gupiganira amasoko atangwa na RALSA.

Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru

Ingingo ya 10: Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RALSA

Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RALSA bashyirwaho n'iteka rya Perezida.

Ububasha, inshingano n'imikorere by'abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RALSA bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Ingingo ya 11: Sitati igenga abakozi ba RALSA n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba RALSA

Abakozi ba RALSA bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

Ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba RALSA biteganywa n'amategeko agenga ibyo abakozi b'ibigo bya Leta bagenerwa.

Article 9: Incompatibilities with membership of the Board of Directors

Members of the Board of Directors shall not be allowed to perform any remunerated activity within RALSA.
They shall also not be allowed neither individually nor companies in which they hold shares, to bid for tenders of RALSA.

Section 2: General Directorate

Article 10: Composition of the General Directorate of RALSA

Members of the General Directorate of RALSA shall be appointed by a Presidential Order.

The competence, responsibilities and modalities for fulfilling the duties of the members of the General Directorate of RALSA shall be determined by a Prime Minister's Order.

Article 11: Statutes governing staff of RALSA and benefits of members of the General Directorate and staff members of RALSA

The staff of RALSA shall be governed by the General Statutes for Public Service.

Benefits allocated to the members of the General Directorate and staff members of RALSA shall be determined in accordance with legal provisions governing benefits to employees of

Article 9 : Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil d'Administration

Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés à exercer des fonctions rémunérées au sein de RALSA.
Ils ne sont non plus autorisés, ni individuellement ni les sociétés dont ils sont actionnaires, à soumissionner aux marchés de RALSA.

Section 2: Direction Générale

Article 10: Composition de la Direction Générale de RALSA

Les membres de la Direction Générale de RALSA sont nommés par arrêté présidentiel.

Les compétences, les attributions et les modalités d'exercice des attributions des membres de la Direction Générale de RALSA sont déterminées par un arrêté du Premier Ministre.

Article 11: Statut du personnel de RALSA et appointements accordés aux membres de la Direction Générale et au personnel de RALSA

Le personnel de RALSA est régi par le Statut Général de la Fonction Publique.

Les appointements accordés aux membres de la Direction Générale de RALSA et à son personnel sont fixés conformément aux dispositions légales régissant les avantages alloués au personnel des

Ingingo ya 12: Imiterere, imikorere, n'inshingano by'inzego z'imirimo za RALSA

Imiterere, imikorere, n'inshingano by'inzego z'imirimo za RALSA bigengwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI

Ingingo ya 13: Umutugo wa RALSA n'inkomoko yawo

Umutungo wa RALSA ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Umutungo wa RALSA ukomoka kuri ibi bikurikira:

1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;
2° inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa;
3° ibituruka ku mirimo ikora;
4° inyungu ku mutungo wayo;
5° impano n'indagano;
6° inguzanyo zihabwa RALSA zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.

Ingingo ya 14: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa RALSA bikorwa hakurikijwe

public institutions.

Article 12: Organization, functioning and responsibilities of RALSA organs

The organization, functioning and responsibilities of RALSA organs shall be determined by a Prime Minister's Order.

CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE

Article 13: Property of RALSA and its sources

The Property of RALSA shall be comprised of movables and immovables.

The property of RALSA shall come from the following sources:

1° State budget allocations;
2° State or partners' grants;
3° income from services rendered;
4° proceeds from its property;
5° donations and bequests;
6° loans granted to RALSA and approved by the Minister in charge of finance.

Article 14: Use, management and audit of the property

The use, management and audit of the property

établissements publics.

Article 12: Organisation, fonctionnement et attributions des organes de RALSA

L'organisation, le fonctionnement et les attributions des organes de RALSA sont déterminés par arrêté du Premier Ministre.

CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES

Article 13: Patrimoine de RALSA et ses sources

Le patrimoine de RALSA comprend les biens meubles et immeubles.

Le patrimoine de RALSA provient des sources suivantes :

1° les dotations budgétaires de l'Etat ;
2° les subventions de l'Etat ou des partenaires ;
3° revenues issus des services prestés ;
4° les produits issus de son patrimoine ;
5° les dons et legs ;
6° les prêts accordés à RALSA et approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions.

Article 14: Utilisation, gestion et audit du patrimoine

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine de

amategeko abigenga.

Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsi ry'imikoreshereze y'umutungo wa RALSA buha raporo Inama y'Ubuyobozi, bukagenera kopi uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa RALSA.

Ingingo ya 15: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya RALSA

Ingengo y'imari ya RALSA yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 16: Raporo y'umwaka w'ibaruramari

Mu mezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa RALSA ashyikiriza urwego rureberera RALSA raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 17: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi

of RALSA shall be carried out in accordance with relevant legal provisions.

RALSA internal audit service shall submit a report to the Board of Directors with a copy to the head of the General Directorate of RALSA.

Article15: Approval and management of the budget of RALSA

The budget of RALSA shall be approved and managed in accordance with relevant legal provisions.

Article 16: Annual financial report

Within three (3) months following the closure of the financial year, the head of the General Directorate of RALSA shall submit the annual financial report to the supervising authority of RALSA after its approval by the Board of Directors in accordance with laws governing the management of State finance and property.

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

Article 17: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

RALSA sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière.

Le service d'audit interne de RALSA transmet son rapport au Conseil d'Administration avec copie au responsable de la Direction Générale de RALSA.

Article 15: Adoption et gestion du budget de RALSA

Le budget de RALSA est adopté et géré conformément aux dispositions légales en la matière.

Article 16 : Rapport annuel de l'exercice comptable

Dans les trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice comptable, le responsable de la Direction Générale de RALSA transmet à l'organe de tutelle de RALSA le rapport annuel de l'exercice comptable après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux dispositions légales régissant les finances et le patrimoine de l'Etat.

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES

Article 17: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Anglais, elle a été examinée et adoptée en Kinyarwanda.

rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 18: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya19: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **09/05/2014**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 18: Repealing provision

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Article 19: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **09/05/2014**

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Article 18: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 19: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **09/05/2014**

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO N° 13/2014 RYO KU WA 20/05/2014 RIGENGA UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko

Ingingo ya 4: Amahame rusange

UMUTWE WA II: GUHABWA URUHUSHYA RW'UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO

Ingingo ya 5: Gusaba uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Ingingo ya 6: Gusaba uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro binyuze mu masoko ya Leta

Ingingo ya 7: Itangwa ry'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

LAW N° 13/2014 OF 20/05/2014 ON MINING AND QUARRY OPERATIONS

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

Article 2: Definitions of terms

Article 3: Scope of this Law

Article 4: General principles

CHAPTER II: ACQUISITION OF A MINERAL LICENCE

Article 5: Mineral licence application

Article 6: Mineral licence application through public procurement procedure

Article 7: Issue of a mineral licence

LOI N° 13/2014 DU 20/05/2014 PORTANT EXPLOITATION DES MINES ET CARRIERES

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

Article 2: Définitions des termes

Article 3: Champ d'application de la présente loi

Article 4: Principes généraux

CHAPITRE II: ACQUISITION D'UN PERMIS MINIER

Article 5: Demande d'un permis minier

Article 6: Demande d'un permis minier suivant la procédure de passation de marchés publics

Article 7: Octroi d'un permis minier

Ingingo ya 8: Ibibujijwe mu itangwa ry'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 8: Restrictions on the grant of a mineral licence**	**Article 8: Restrictions à l'octroi d'un permis minier**
Ingingo ya 9: Ibishyirwa mu ruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 9: Content of a mineral licence**	**Article 9: Contenu d'un permis minier**
Ingingo ya 10: Imiterere n'ingano y'ahatangirwa uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 10: Shape and size of a mineral licence area**	**Article 10: Forme et dimension d'un périmètre sous permis minier**
Ingingo ya 11: Igihe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rumara	**Article 11: Duration of a mineral licence**	**Article 11: Durée d'un permis minier**
Ingingo ya 12: Gusaba kongererwa igihe cy'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 12: Application for renewal of a mineral licence**	**Article 12: Demande de renouvellement d'un permis minier**
Ingingo ya 13: Kuvugurura uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 13: Renewal of a mineral licence**	**Article 13: Renouvellement d'un permis minier**
Ingingo ya 14: Gusaba guhererekanya uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 14: Application for transfer of a mineral licence**	**Article 14: Demande de transfert d'un permis minier**
UMUTWE WA III: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'UWAHAWE URUHUSHYA RW'UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO	**CHAPTER III: RIGHTS AND RESPONSIBILITIES OF THE HOLDER OF A MINERAL LICENCE**	**CHAPITRE III: DROITS ET OBLIGATIONS DU TITULAIRE D'UN PERMIS MINIER**
Ingingo ya 15: Uburenganzira bw'uwahawe uruhushya rwo gushakashaka	**Article 15: Rights of the holder of an exploration licence**	**Article 15: Droits du titulaire d'un permis d'exploration**
Ingingo ya 16: Inshingano z'uwahawe	**Article 16: Responsibilities of the holder of an exploration licence**	**Article 16: Obligations du titulaire du permis d'exploration**

uruhushya rwo gushakashaka		
Ingingo ya 17: Uburenganzira bw'uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nto	**Article 17: Rights of the holder of small-scale mining licence**	**Article 17: Droits du titulaire d'un permis d'exploitation minière à petite échelle**
Ingingo ya 18: Inshingano z'uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nto	**Article 18: Responsibilities of the holder of a small-scale mining licence**	**Article 18: Obligations du titulaire d'un permis d'exploitation minière à petite échelle**
Ingingo ya 19: Uburenganzira bw'uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nini	**Article 19: Rights of the holder of a large-scale mining licence**	**Article 19: Droits du titulaire d'un permis d'exploitation minière à grande échelle**
Ingingo ya 20: Inshingano z'uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nini	**Article 20: Responsibilities of the holder of a large-scale mining licence**	**Article 20: Obligations du titulaire d'un permis d'exploitation minière à grande échelle**
Ingingo ya 21: Uburenganzira bw'uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro ku buryo bucirirtse	**Article 21: Rights of the holder of artisanal mining licence**	**Article 21: Droits du titulaire d'un permis d'exploitation minière artisanale**
Ingingo ya 22: Inshingano z'uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro ku buryo bucirirtse	**Article 22: Responsibilities of the holder of an artisanal mining licence**	**Article 22: Obligations du titulaire d'un permis d'exploitation minière artisanale**
Ingingo ya 23: Inshingano z'umwihariko z'uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro afite ingufu atomike	**Article 23: Special responsibilities relating to the holder of a radioactive mineral mining licence**	**Article 23: Obligations particulières relatives au titulaire d'un permis d'exploitation des minerais radioactifs**
Ingingo ya 24: Gusubiza ahantu hatangiwe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 24: Relinquishment of a mineral license area**	**Article 24: Renonciation à un périmètre sous permis minier**

UMUTWE WA IV: GUHAGARIKA BY'AGATEGANYO NO GUKURAHO URUHUSHYA RW'UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO	**CHAPTER IV: SUSPENSION AND CANCELLATION OF A MINERAL LICENCE**	**CHAPITRE IV: SUSPENSION ET ANNULATION D'UN PERMIS MINIER**
Ingingo ya 25: Guhagarika by'agateganyo no gukuraho uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 25: Suspension and cancellation of a mineral licence**	**Article 25: Suspension et annulation d'un permis minier**
Ingingo ya 26: Ibijyanye n'imitungo mu gihe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rukuweho	**Article 26: Assets on cancellation of a mineral licence**	**Article 26: Biens en cas d'annulation d'un permis minier**
Ingingo ya 27: Inyandiko na raporo bijyanye n'ikurwaho ry'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 27: Records and reports on suspension of a mineral licence**	**Article 27: Documents et rapports sur la suspension d'un permis minier**
UMUTWE WA V: UBURENGANZIRA BWA NYIR'UBUTAKA	**CHAPTER V: LAND SURFACE OWNER'S RIGHTS**	**CHAPITRE V: DROITS DU PROPRIETAIRE FONCIER**
Ingingo ya 28: Uburenganzira bwa nyir'ubutaka ku hatangiwe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 28: Rights of land surface owner on a mineral licence area**	**Article 28: Droits du propriétaire foncier sur une zone sous permis minier**
Ingingo ya 29: Ingurane kuri ba nyir'ubutaka	**Article 29: Compensation to land surface owners**	**Article 29: Indemnisation des propriétaires fonciers**
UMUTWE WA VI: KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE, UBUZIMA N'UMUTEKANO	**CHAPTER VI: PROTECTION OF THE ENVIRONMENT, HEALTH AND SAFETY**	**CHAPITRE VI: PROTECTION DE L'ENVIRONNEMENT, SANTÉ ET SÉCURITÉ**
Ingingo ya 30: Iyubahirizwa ry'amategeko agenga ibidukikije	**Article 30: Compliance with laws related to environment**	**Article 30: Conformité aux lois en matière d'environnement**

Ingingo ya 31: Gusana ahantu hangijwe	**Article 31: Rehabilitation of a damaged area**	**Article 31: Remise en état du périmètre endommagé**
Ingingo ya 32: Gutanga ingwate y'amafaranga yo kurengera ibidukikije	**Article 32: Deposit a financial guarantee for environment protection**	**Article 32: Dépôt de fonds en garantie de la protection de l'environnement**
Ingingo ya 33: Ubuzima n'umutekano by'abakozi n'abandi bantu	**Article 33: Health and safety of workers and other persons**	**Article 33: Santé et sécurité des travailleurs et d'autres personnes**
UMUTWE WA VII: URUHUSHYA RWA KARIYERI	**CHAPTER VII: QUARRY LICENCE**	**CHAPITRE VII: PERMIS DE CARRIERE**
Ingingo ya 34: Gusaba guhabwa cyangwa kongererwa igihe cy'uruhushya rwa kariyeri	**Article 34: Application for grant or renewal of a quarry licence**	**Article 34: Demande d'octroi ou de renouvellement d'un permis de carrière**
Ingingo ya 35: Ibangikana ry'impushya za kariyeri n'impushya z'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 35: Coexistence of a quarry licence and a mineral licence**	**Article 35: Coexistence d'un permis de carrière et minier**
Ingingo ya 36: Ihererekanya ry'impushya za kariyeri	**Article 36: Transfer of quarry licences**	**Article 36: Transfert des permis de carrière**
Ingingo ya 37: Uburenganzira bw'uwahawe uruhushya rwa kariyeri	**Article 37: Rights of the holder of a quarry licence**	**Article 37: Droits du détenteur d'un permis de carrière**
Ingingo ya 38: Inshingano z'uwahawe uruhushya rwa kariyeri	**Article 38: Responsibilities of the holder of a quarry licence**	**Article 38: Obligations du titulaire d'un permis de carrière**
Ingingo ya 39: Gusubiza ahantu hatangiwe uruhushya rwa kariyeri	**Article 39: Relinquishment of an area covered by quarry licence**	**Article 39: Renonciation à un périmètre couvert par un permis de carrière**
Ingingo ya 40: Gukuraho burundu uruhushya rwa kariyeri	**Article 40: Cancellation of quarry a licence**	**Article 40: Annulation d'un permis de carrière**

UMUTWE WA VIII: INGINGO ZIJYANYE N'IMARI	**CHAPTER VIII: FINANCIAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS FINANCIERES**
Ingingo ya 41: Umusoro ku musaruro n'indi misoro	**Article 41: Income tax and other taxes**	**Article 41: Impôt sur les bénéfices et autres impôts**
Ingingo ya 42: Umusoro ku mabuye y'agaciro	**Article 42: Tax on mineral ores**	**Article 42: Taxe sur les minerais**
Ingingo ya 43: Amafaranga yo gusaba uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa rwa kariyeri	**Article 43: Mineral or quarry licence application fee**	**Article 43: Frais de demande d'un permis minier ou de carrière**
Ingingo ya 44: Amahoro ku buso atangwa ku mwaka	**Article 44: Surface fees**	**Article 44 : Frais de surface**
Ingingo ya 45: Gucuruza amabuye y'agaciro	**Article 45: Trading in mineral ores**	**Article 45: Commerce des minerais**
Ingingo ya 46: Kugurisha amabuye y'agaciro ku masosiyete bafitanye isano	**Article 46: Sales of mineral ores to affiliated purchasers**	**Article 46: Ventes des minerais aux acheteurs affiliés**
Ingingo ya 47: Ishoramari rya Leta	**Article 47: Government equity participation**	**Article 47: Acquisition de parts sociales par le Gouvernement**
UMUTWE WA IX: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER IX: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE IX: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 48: Gukoresha no guhugura abakozi	**Article 48: Employment and training of employees**	**Article 48: Emploi et formation des ouvriers**
Ingingo ya 49: Amasoko y'ibikoresho n'imirimo iboneka mu gihugu	**Article 49: Procurement of local goods and services**	**Article 49: Achats des biens et services locaux**

Ingingo ya 50: Kongera agaciro no kubyaza amabuye y'agaciro ibikoresho birangiye	**Article 50: Value addition and transformation**	**Article 50: Valeur ajoutée et transformation**
Ingingo ya 51: Amasezerano n'abahawe impushya	**Article 51: Mining agreements**	**Article 51: Conventions minières**
Ingingo ya 52: Ingingo y'inzibacyuho	**Article 52: Transitional provision**	**Article 52: Disposition transitoire**
Ingingo ya 53: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 53: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 53: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 54: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranijwe n'iri tegeko	**Article 54: Repealing provision**	**Article 54: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 55: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa	**Article 55: Commencement**	**Article 55: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N° 13/2014 RYO KU WA 20/05/2014 RIGENGA UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 25/02/2014;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 108 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo ku wa 08/04/2005 rishyiraho uburyo bwo kurinda, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda;

LAW N° 13/2014 OF 20/05/2014 ON MINING AND QUARRY OPERATIONS

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 25/02/2014;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 90, 92, 93, 108 and 201;

Pursuant to Organic Law n^{0} 04/2005 of 08/04/2005 determining modalities for protection, conservation and promotion of environment in Rwanda;

LOI N° 13/2014 DU 20/05/2014 PORTANT EXPLOITATION DES MINES ET CARRIERES

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUSSANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 25/02/2014;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 90, 92, 93, 108 et 201;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda ;

Isubiye ku Itegeko n° 37/2008 ryo ku wa 11/08/2008 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri;

Having reviewed Law n° 37/2008 of 11/08/2008 on mining and quarry exploitation;

Revu la Loi n° 37/2008 du 11/08/2008 portant exploitation des mines et carrières;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigenga ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri mu Rwanda.

Article One: Purpose of this Law

This Law governs mining and quarry operations in Rwanda.

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi régit les activités minières et de carrière au Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

Article 2: Definitions of terms

For the purpose of this Law, the following terms shall have the meanings assigned to them below:

Article 2: Définitions des termes

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **ahacukurwa amabuye y'agaciro:** ahantu hacukurwa ku buryo bucirirtse amabuye y'agaciro, ahacukurwa amabuye y'agaciro muri mine nto, ahacukurwa amabuye y'agaciro muri mine nini, hakurikijwe iri tegeko;

1° **mining area:** an area where artisanal, small-scale and large-scale mining is carried out in accordance with this Law;

1° **périmètre minier:** zone où se fait l'exploitation minière artisanale, à petite échelle et à grande échelle conformément à la présente loi;

2° **ahatangirwa uruhushya rwo gucukura mine nto:** ahantu hatangirwa uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nto;

2° **small-scale mining licence area:** an area that is subject to a small-scale mining licence;

2° **périmètre sous permis d'exploitation minière à petite échelle:** zone qui fait l'objet d'un permis d'exploitation minière à petite échelle;

3° **amabuye:** ibicukurwa bishobora gutunganywa kugira ngo byongererwe agaciro birimo

3° **minerals:** substances which can be processed to increase their economic value

3° **minéraux:** substances pouvant être traitées en vue d'accroître leur valeur économique et

iby'ibyuma n'ibitari ibyuma, ariko hatarimo "hydrocarbons" n'amazi;

4° **amabuye y'agaciro:** ibicukurwa muri mine icirirtse, nto cyangwa nini bifite agaciro k' ubwoko bumwe cyangwa burenze bumwe;

5° **amabuye y'agaciro agenewe isuzuma:** amabuye yakuwe mu yandi agenewe isesenguramiterere azifashishwa mu kumenya imiterere y'andi yakuwemo;

6° **amabuye y'agaciro y'ikitegererezo:** amabuye afite imiterere izwi kandi yemejwe, ayandi yafatirwaho urugero rwifuzwa;

7° **amabuye afite ingufu atomike:** amabuye yose afite ku kigereranyo nibura kimwe cya makumyabiri cya rimwe ku ijana (0,05 ku ijana) bya iraniyumu cyangwa toriyumu cyangwa imvange ya byombi;

8° **gahunda yo kubungabunga ibidukikije:** igenamigambi ryubahiriza ibisabwa byose n'iri tegeko n'andi mategeko arebana no kurengera no kubungabunga ibidukikije;

9° **Guverinoma**: Guverinoma y'u Rwanda;

10° **ibikomoka ku mabuye**: ibintu byose bituruka

and which include metallic and non-metallic substances with the exception of hydrocarbons and water;

4° **mineral ores:** substances consisting of one or more types of components extracted from artisanal, small-scale or large-scale mine ;

5° **mineral ore samples**: minerals collected from a set of other minerals for the purpose of determining the quality thereof and getting an idea of the quality of the set of minerals from which they are collected;

6° **mineral ore specimens:** minerals whose quality is recognized and certified and used as a reference quality;

7° **radioactive minerals:** any minerals which contain by weight at least one twentieth of one percent (0.05 %) of uranium or thorium or any combination thereof;

8° **environmental management program:** a plan satisfying all the requirements provided under this Law and other environment protection and conservation laws;

9° **Government:** the Government of Rwanda;

10° **mineral products:** any substances

comprenant les substances métalliques et non métalliques à l'exception des hydrocarbures et de l'eau;

4° **minerais :** substances constituées d'un ou de plusieurs types d'éléments extraits d'une mine artisanale, à petite échelle ou à grande échelle;

5° **échantillons de minerais:** minéraux prélevés d'un ensemble d'autres minéraux pour que leur qualité soit analysée et donne une idée de la qualité de l'ensemble de minéraux dont ils sont prélevés;

6° **spécimens de minerais**: minéraux dont la qualité est reconnue et certifiée et servant de référence de qualité ;

7° **minerais radioactifs :** tous minéraux contenant, en poids, au moins un vingtième d'un pour cent (0,05 %) d'uranium ou de thorium ou toute autre combinaison des deux ;

8° **programme de gestion de l'environnement:** plan répondant à toutes les exigences de la présente loi et celles d'autres lois relatives à la protection et à la sauvegarde de l'environnement;

9° **Gouvernement:** le Gouvernement du Rwanda;

10° **produits minéraux:** toutes substances

ku bucukuzi bw'amabuye cyangwa itunganywa ryayo;

11° **ibikorwa by'ubushakashatsi:** ibikorwa mu gushakisha amabuye y'agaciro, inganzo z'amabuye y'agaciro, harimo gupima imiterere y'aho ari no kugaragaza ingano n'agaciro k'inganzo z'amabuye y'agaciro;

12° **icyagenwe:** icyemewe hakurikijwe ibisabwa n'iri tegeko;

13° **igisimu:** umuferege, umwobo, impuzo cyangwa ibindi byobo byasamye;

14° **imirimo y'ubucukuzi bw'amabuye:** imirimo yose ikorwa mu bijyanye n'ubucukuzi bw'amabuye;

15° **inkambi:** ahantu hari ibikorwa, ibikoresho, inyubako z'igihe gito bikoreshwa mu bikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro kandi byakwimurwa igihe icyo aricyo cyose bibaye ngombwa;

16° **inyungu z'ubwiganze bw'imigabane:** ububasha bw'umuntu ku buryo buziguye cyangwa butaziguye burenze mirongo itanu (50%) ku ijana bwo kuyobora imicungire y'imirimo cyangwa ubwiganze bw'imigabane ku bandi;

17° **kariyeri:** ahantu hatazuye cyangwa igisimu

derived from the extraction or processing of minerals;

11° **exploration operations:** activities designed to search for mineral ores and mineral deposits including the geological survey and assessment of the extent and economic value of mineral deposits;

12° **prescribed:** something that is permitted in compliance with the requirements of this Law;

13° **excavation:** trench, pit, shaft or any other open large pit;

14° **mining operations:** any operations carried out in the course of mining;

15° **camp:** a place of facilities, equipment and temporary buildings used in the mining operations and which can be moved whenever required;

16° **controlling interest:** a person's ability to hold, directly or indirectly, more than fifty percent (50%) of the power to direct the management of activities or acquisition of a majority holding;

17° **quarry:** an open surface or excavation

issues de l'extraction ou de la transformation des minéraux;

11° **opérations d'exploration:** activités de recherche de minerais et de gisements miniers y compris l'étude géologique et l'estimation de l'étendue et de la valeur économique des gisements miniers;

12° **prescrit:** ce qui est autorisé conformément aux exigences de la présente loi;

13° **excavation:** tranchée, fosse, sillon ou autre grande fosse à ciel ouvert;

14° **opérations minières:** toutes opérations menées dans le cadre de l'exploitation minière;

15° **camp:** lieu des installations, du matériel et des éléments de construction temporaires utilisés dans les activités d'exploitation minière et pouvant être déménagés chaque fois que nécessaire;

16° **intérêt majoritaire:** capacité d'une personne à détenir directement ou indirectement plus de cinquante pourcent (50%) du pouvoir de direction de la gestion des activités ou acquisition d'une participation majoritaire;

17° **carrière:** surface ouverte ou excavation

gicukurwamo amabuye ashobora gutunganyirizwa mu nganda hamwe n'urutare biboneka hakoreshejwe gutobora, guturitsa, gukata n'ubundi buryo bwakoreshwa;

18° **kuvumbura:** gutahura amabuye y'agaciro cyangwa ikirundo cy'amabuye y'agaciro anyuranye aboneka ku bwinshi cyangwa ibimenyetso byerekana ko hari inganzo z'amabuye y'agaciro;

19° **Minisitiri:** Minisitiri ufite amabuye y'agaciro na kariyeri mu nshingano ze;

20° **ubucukuzi bucirirtse bw'amabuye y'agaciro:** imirimo ijyanye n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bwashyizwe muri icyo cyiciro hakurikijwe ibikubiye mu gace ka 5 k'ingingo ya 4 y'iri tegeko;

21° **ubucukuzi bwa mine nini:** ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bibarirwa muri icyo cyiciro hakurikijwe ibivugwa mu gace ka 5 k'ingingo ya 4;

22° **ubucukuzi bwa mine nto:** imirimo y'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bibarirwa muri icyo cyiciro hakurikijwe ibivugwa mu gace ka 5 k'ingingo ya 4;

23° **umuntu:** umuntu ku giti cye, sosiyete, koperative cyangwa umuryango;

from which materials that can be processed in factories and a rock material obtained using drilling, blasting, cutting and any other method are extracted;

18° **discovery:** detection of mineral ores or a stockpile of various mineral ores found in large quantities or indications of the presence of mineral ore deposits;

19° **Minister:** the Minister in charge of mines and quarries;

20° **artisanal mining:** mining operations that are categorized as such in accordance with the provisions of item 5 of article 4 of this law;

21° **large-scale mining:** mining operations that are categorized as such in accordance with the provisions of item 5 of article 4 of this law;

22° **small-scale mining:** mining operations that are categorized as such in accordance with the provisions of item 5 of article 4 of this law;

23° **person:** an individual, a company, a cooperative or organization;

d'où sont extraits les matériaux pouvant être traités dans des usines et un matériel rocheux obtenus par forage, explosion, coupe et toute autre méthode pouvant être utilisée;

18° **découverte:** trouvaille de minerais ou d'une accumulation de différents minerais qui sont en grande quantité ou d'indices indiquant la présence de gisements de minerais;

19° **Ministre:** le Ministre ayant les mines et les carrières dans ses attributions ;

20° **exploitation minière artisanale:** opérations minières qui sont classées en tant que telles conformément aux dispositions du point 5 de l'article 4 de la présente loi;

21° **exploitation minière à grande échelle:** opérations minières classées en tant que telles conformément aux dispositions du point 5 de l'article 4 de la présente loi ;

22° **exploitation minière à petite échelle:** opérations minières classées en tant que telles conformément aux dispositions du point 5 de l'article 4 de la présente loi;

23° **personne:** personne physique, société, coopérative ou organisation;

24° **umukozi ubifitiye ububasha:** umuntu wese wabiherewe uburenganzira na Guverinoma;

25° **uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro:** inyandiko itanga uburenganzira bwo gucukura ku buryo bucirirtse amabuye y'agaciro, ubwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nto n'ubwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nini, hakurikijwe iri tegeko;

26° **uruhushya rwa kariyeri:** inyandiko itanga uburenganzira bwo gucukura kariyeri nto hatagamijwe ubucuruzi, urwo gucukura kariyeri nto igamije ubucuruzi cyangwa urwo gucukura kariyeri nini igamije ubucuruzi, hakurikijwe iri tegeko;

27° **uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro:** inyandiko itanga uburenganzira bwo gushakakashaka, ubwo gucukura ku buryo bucirirtse amabuye y'agaciro, ubwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nto n'ubwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nini, hakurikijwe iri tegeko.

Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko

Iri tegeko rireba ibikorwa byo gukora ubushakashatsi, gucukura, kugura, kugurisha, kubika, gutunganya, gutwara no gucuruza amabuye y'agaciro na kariyeri. Rireba kandi

24° **authorized officer:** any person authorized by the Government to act as such;

25° **mining licence:** a document authorizing artisanal, small-scale and large-scale mining in accordance with this law;

26° **quarry licence:** a document authorizing non-commercial, commercial small-scale quarry operations or commercial large-scale quarry operations in accordance with this law;

27° **mineral licence:** a document authorizing exploration, artisanal mining, small-scale mining and large-scale mining in accordance with this law.

Article 3: Scope of this Law

This Law shall apply to the activities relating to the exploration, mining, purchase, sale, stocking, processing, transportation and marketing of mineral and quarry products. It shall also apply

24° **agent autorisé:** toute personne autorisée par le Gouvernement à agir comme tel;

25° **permis d'exploitation minière:** document autorisant l'exploitation minière artisanale, à petite échelle et à grande échelle conformément à la présente loi;

26° **permis de carrière:** document autorisant l'exploitation non commerciale ou commerciale de carrière à petite échelle ou d'exploitation commerciale de carrière à grande échelle conformément à la présente loi;

27° **permis minier:** document autorisant l'exploration, l'exploitation d'une mine artisanale, l'exploitation minière à petite échelle et l'exploitation minière à grande échelle conformément à la présente loi.

Article 3: Champ d'application de la présente loi

La présente loi s'applique aux activités relatives à l'exploration, à l'exploitation minière, à l'achat, à la vente, au stockage, à la transformation, au transport et à la commercialisation des produits

amabuye y'agaciro afite ingufu atomiki.

Ingingo ya 4: Amahame rusange

Amahame rusange yerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri ni akurikira:

1° uburenganzira bwose bwo gutunga no kugenzura ibituruka ku mabuye y'agaciro na kariyeri, biri ku butaka, munsi cyangwa hejuru y'ubutaka bw'u Rwanda bihariwe gusa Leta y'u Rwanda, bitabangamiye uburenganzira ku butaka bwaba bufitwe n'uwo ariwe wese n'ibindi yaba abitungiyeho, ibituruka ku mabuye y'agaciro na kariyeri biriho, birimo cyangwa biri munsi;

2° gushakashaka cyangwa gucukura amabuye y'agaciro bikorwa gusa n'uwabiherewe uruhushya nk'uko biteganywa n'iri tegeko;

3° gukora imirimo y'ubucukuzi bwa kariyeri bikorwa gusa n'uwabiherewe uruhushya nk'uko biteganywa n'iri tegeko;

4° impushya z'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro zishobora gutangwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko ni izi zikurikira:

to radioactive minerals.

Article 4: General principles

The general principles relating to mining and quarry operations shall be the following:

1° all rights of ownership in and control of mineral or quarry products in, under or upon any land in Rwanda are vested in the Republic of Rwanda not withstanding any right of ownership or otherwise that any person may possess to the soil on, in or under which mineral ores or quarry products are found or situated;

2° exploration or mining operations shall be carried out by any person who has been granted a mineral licence in accordance with this Law;

3° carrying out quarry operations shall be conducted by any person who has been granted a licence in accordance with this Law;

4° mineral licences that may be granted under this law shall be the following:

minéraux et de carrière. Elle s'applique également aux minerais radioactifs.

Article 4: Principes généraux

Les principes généraux relatifs aux activités minières et de carrière sont les suivants :

1° tous les droits de propriété et de contrôle des produits minéraux et de carrière se trouvant à la surface, en dessous et au-dessus du sol rwandais sont dévolus à la République du Rwanda sans préjudice du droit de propriété ou autre que toute personne peut posséder par rapport à la surface du sol à laquelle, dans laquelle ou en dessous de laquelle les minerais ou les produits de carrière sont trouvés ou situés;

2° l'exploration ou l'exploitation minière est menée par toute personne munie d'un permis minier délivré en vertu de la présente loi;

3° les activités d'exploitation de carrière sont menées par toute personne munie d'un permis délivré en vertu de la présente loi;

4° les permis miniers pouvant être délivrés en vertu de la présente loi sont les suivants:

a. uruhushya rwo gushakashaka;

b. uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nto;

c. uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nini;

d. uruhushya rwo gucukura ku buryo bucirirtse amabuye y'agaciro;

5° ibigenderwaho mu gushyira mu byiciro no kwemeza ubwoko bwa mine biteganywa n'iteka rya Minisitiri;

6° impushya zo gucukura kariyeri zishobora gutangwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko ni izi zikurikira:

a. uruhushya rwo gucukura kariyeri nto hadacuruzwa ibiyivuyemo;

b. uruhushya rwo gucukura kariyeri nto hacuruzwa ibiyivuyemo;

c. uruhushya rwo gucukura kariyeri nini.

7° haseguriwe ibiteganywa mu gace ka 2°k'iyi ngingo, Minisitiri ashobora,binyuze mu iteka cyangwa amabwiriza kwemerera uwo ariwe wese,gukora ibikorwa by'ubushakashatsi bitagamije ubucuruzi mu bya jewoloji n'amabuye y'agaciro bitagombye gusaba uruhushya rwo gukora imirimo y'ubucukuzi

a. an exploration licence;

b. a small-scale mining licence;

c. a large-scale mining licence;

d. an artisanal mining licence;

5° the criteria used in categorizing the extent and type of mines shall be determined by a Ministerial Order;

6° quarry licences that may be granted under this law shall be the following:

a. a non-commercial small-scale quarry licence;

b. a commercial small-scale quarry licence;

c. a large-scale quarry licence.

7° subject to the provisions of item 2 of this article, the Minister may, in the public interest and by way of an Order or regulations, authorize any person to undertake purely non-commercial exploration operations of geological or

a. un permis d'exploration;

b. un permis d'exploitation minière à petite échelle;

c. un permis d'exploitation minière à grande échelle;

d. un permis d'exploitation minière artisanale;

5° les critères de catégorisation de l'ampleur et du type des mines sont déterminés par arrêté du Ministre ;

6° les permis d'exploitation de carrière pouvant être délivrés en vertu de la présente loi sont les suivants:

a. un permis d'exploitation non-commerciale de carrière à petite échelle;

b. un permis d'exploitation commerciale de carrière à petite échelle;

c. un permis d'exploitation de carrière à grande échelle.

7° sous réserve des dispositions du point 2° du présent article, le Ministre peut, dans l'intérêt public, autoriser par voie d'arrêté ou de règlements toute personne à entreprendre des opérations d'exploration purement non commerciales sur les

hagamijwe inyungu rusange;

8° haseguriwe ibiteganywa mu gace ka 3°, Minisitiri ashobora, binyuze mu iteka cyangwa amabwiriza kwegurira Leta zimwe muri kariyeri kugira ngo zikoreshwe mu bikorwaremezo hagamijwe inyungu rusange;

9° uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, yifashijije inzego bireba, agomba gusobanurira abantu batuye aho umushinga we uzakorera.

UMUTWE WA II: GUHABWA URUHUSHYA RW'UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO

Ingingo ya 5: Gusaba uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Uburyo bwo gusaba uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bugenwa n'iteka rya Minisitiri.

Ingingo ya 6: Gusaba uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro binyuze mu masoko ya Leta

Haseguriwe ibiteganywa n'iri tegeko, Minisitiri ashobora, akoresheje iteka, kwemeza ko ahantu hakurikira hadashobora gutangirwa uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ku muntu

mineral resources without requiring him/her to apply for a mining licence;

8° subject to the provisions of item 3°, the Minister may, by way of an Order or regulations, grant the Government exclusive exploitation of certain quarries for use therein in infrastructure projects for general interest purposes;

9° with the help of relevant organs, a person granted a mineral licence must explain his/her project activities to the surrounding communities.

CHAPTER II: ACQUISITION OF A MINERAL LICENCE

Article 5: Mineral licence application

Modalities for mineral licence application shall be determined by an Order of the Minister.

Article 6: Mineral licence application through public procurement procedure

Subject to the provisions of this law, the Minister may, by way of an order, decide that a mineral licence cannot be granted in respect of any of the following areas except by way of a competitive

ressources géologiques ou minières sans l'obliger de demander un permis minier;

8° sous réserve des dispositions du point 3°, le Ministre peut, par voie d'arrêté ou de règlements, concéder certaines carrières à l'Etat en vue de leur affectation aux projets d'infrastructure à des fins d'intérêt général;

9° une personne ayant acquis un permis minier doit, à l'aide des organes compétents, expliquer aux communautés environnantes les activités de son projet.

CHAPITRE II: ACQUISITION D'UN PERMIS MINIER

Article 5: Demande d'un permis minier

Les modalités de demande d'un permis minier sont déterminées par arrêté du Ministre.

Article 6: Demande d'un permis minier suivant la procédure de passation de marchés publics

Sous réserve des dispositions de la présente loi, le Ministre peut, par voie d'arrêté, décider qu'un permis minier ne puisse être accordé pour l'un des périmètres suivants que par voie d'appel d'offres

uwo ari we wese, bitanyuze mu ipiganwa ry'amasoko ya Leta ryubahirije uburyo bw'itangwa ry'amasoko binyuze mu ipiganwa:

1° ahantu hose havumbuwe amabuye y'agaciro ku bushakashatsi bwakozwe na Leta;

2° ahantu hose hazwi ko hari amabuye y'agaciro bishingiye ku mirimo y'ubushakashatsi cyangwa y'ubucukuzi yahakozwe.

Upiganira isoko rya Leta agomba kuzuza ibisabwa n'amategeko agenga amasoko ya Leta.

Ingingo ya 7: Itangwa ry'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Minisitiri asubiza uwasabye mu nyandiko amuha uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa amuhakanira. Iyo usaba ahakaniwe, Minisitiri amuha ibisobanuro ku mpamvu zatumye adahabwa uruhushya.

Ingingo ya 8: Ibibujijwe mu itangwa ry'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Uruhushya rwo gushakashaka amabuye y'agaciro ntirushobora gutangwa ahantu hatangiwe urundi rushushya rwo gucukura amabuye y'agaciro.

bidding process used for public procurement:

1° any area in which mineral ores have been discovered through exploration carried out by the Government;

2° any area with known mining potential based on past exploration or mining operations.

A person bidding for a public contract must fulfil the requirements provided under public procurement laws.

Article 7: Issue of a mining licence

The Minister shall notify the applicant in writing of his/her decision to grant or refuse to grant a mineral licence. When the application is rejected, the Minister shall explain to the applicant the reasons for rejection.

Article 8: Restrictions on the grant of a mineral licence

No exploration licence shall be granted in respect of an area of land covered by another existing mining licence.

concurrentiel applicable aux marchés publics:

1° tout endroit où les minerais ont été découverts grâce à l'exploration réalisée par l'Etat ;

2° tout périmètre à potentiel minier connu sur base des activités d'exploration ou d'exploitation minière passées.

Une personne qui soumissionne pour un marché public doit remplir les conditions prévues par les lois régissant les marchés publics.

Article 7: Octroi d'un permis minier

Le Ministre informe l'auteur de la demande par écrit de sa décision d'octroyer ou de refuser d'octroyer un permis minier. Si la demande est rejetée, le Ministre lui fournit les raisons de rejet.

Article 8: Restrictions à l'octroi d'un permis minier

Un permis d'exploration ne peut être accordé sur un périmètre faisant l'objet d'un autre permis d'exploitation minière existant.

Uretse uwari usanganywe uruhushya rwo gushakashaka amabuye y'agaciro, nta wundi ushobora guhabwa ubundi bwoko ubwo aribwo bwose bw'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ku gice icyo ari cyo cyose cy'ubutaka bukorerwaho ubushakashatsi.

Ingingo ya 9: Ibishyirwa mu ruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rugomba kugaragaza ibi bikurikira:

1° uruhawe n'aho abarizwa;

2° itariki rwatangiweho n'igihe ruzamara;

3° ubwoko bw'ibuye cyangwa amabuye y'agaciro uruhushya rwatangiwe;

4° imiterere y'aho urwo ruhushya rwatangiwe;

5° ibigomba kubahirizwa mu ikoreshwa ry'urwo ruhushya.

Ingingo ya 10: Imiterere n'ingano y'ahatangirwa uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Ahatangirwa uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ni ahantu hagizwe n'ibipande biri hamwe, buri cyose gifite ishusho,

No person other than the holder of an exploration licence shall be granted any type of mineral licence in respect of an area of land which constitutes any part of the exploration area.

Article 9: Content of a mineral licence

A mineral licence must contain the following information:

1° the licensee and his/her address;

2° the date of issue and validity period;

3° the type of a mineral ore or mineral ores in respect of which it is granted;

4° a description of the area in respect of which it is granted;

5° the terms and conditions of its use.

Article 10: Shape and size of a mineral licence area

The mineral licence area shall consist of contiguous blocks, each of which is of such

Aucune personne autre que le titulaire d'un permis d'exploration ne peut se voir accorder un quelconque type de permis minier pour toute portion de terrain située à l'intérieur du périmètre d'exploration.

Article 9: Contenu d'un permis minier

Un permis minier doit contenir les renseignements suivants:

1° le titulaire et son adresse ;

2° la date de délivrance et la durée de validité ;

3° le type de minerai ou de minerais pour lesquels il est accordé;

4° la description du périmètre pour lequel il est accordé ;

5° les termes et conditions de son utilisation.

Article 10: Forme et dimension d'un périmètre sous permis minier

Le périmètre sous permis minier est composé de blocs contigus dont chacun d'entre eux a la forme, la dimension et l'orientation suivantes:

ingano n'icyerekezo kimwe ku buryo bukurikira:

1° hegitari magana ane (400ha) ku ruhushya rwo gushakashaka;

2° hegitari ijana (100 ha) ku ruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nto;

3° hegitari magana ane (400 ha) ku ruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nini;

4° hegitari mirongo ine n'icyenda (49 ha) ku ruhushya rwo gucukura ku buryo bucirirtse amabuye y'agaciro.

Iteka rya Minisitiri rishobora kugena ibindi bipimo hashingiwe ku nyungu rusange.

Ingingo ya 11: Igihe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rumara

Uruhushya rwo gushakashaka rumara igihe fatizo kitarenze imyaka ine (4), rushobora kongererwa igihe cy'indi myaka ine (4) inshuro imwe (1), kandi mirongo itanu ku ijana (50%) by'ahatarakorewe ubushakashatsi hagasubizwa.

Uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nto rumara igihe fatizo kitarenze imyaka cumi n'itanu (15), cyangwa igihe amabuye y'agaciro yateganyirijwe gucukurwa azamara iyo ari cyo kigufi. Rushobora kongererwa igihe kitarenze indi myaka icumi (10) buri nshuro.

shape, dimension and orientation as follows:

1° four hundred hectares (400 ha) for an exploration licence;

2° one hundred hectares (100 ha) for a small-scale mining licence;

3° four hundred hectares (400 ha) for a large-scale mining licence;

4° forty nine hectares (49 ha) for an artisanal mining licence.

A ministerial Order may determine other dimensions on grounds of public interest.

Article 11: Duration of a mineral licence

An exploration licence shall be valid for an initial period not exceeding four (4) years and may be renewed once for a period not exceeding four (4) years and after relinquishment of fifty percent (50%) of the unexplored area.

A small-scale mining licence shall be valid for an initial period not exceeding fifteen (15) years or the estimated life of the ore body proposed to be mined, whichever is shorter. Such a licence may be renewed for further periods each not exceeding ten (10) years.

1° quatre cents hectares (400 ha) pour un permis d'exploration;

2° cent hectares (100 ha) pour un permis d'exploitation minière à petite échelle;

3° quatre cents hectares (400 ha) pour un permis d'exploitation minière à grande échelle;

4° quarante-neuf hectares (49 ha) pour un permis d'exploitation minière artisanale.

Un arrêté du Ministre peut, pour motif d'intérêt général, déterminer d'autres dimensions.

Article 11: Durée d'un permis minier

Un permis d'exploration est valable pour une période initiale ne dépassant pas quatre (4) ans et peut être renouvelé une fois pour une période n'excédant pas quatre (4) ans après renonciation à cinquante pour cent (50%) du périmètre inexploré.

Un permis d'exploitation minière à petite échelle est valable pour une période initiale ne dépassant pas quinze (15) ans ou pour la durée de vie estimée du gisement proposé pour être exploité si cette durée de vie est courte. Ce permis peut être renouvelé pour des périodes supplémentaires

n'excédant pas chacune dix (10) ans.

Uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nini rumara igihe fatizo kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25) cyangwa igihe amabuye y'agaciro yateganyirijwe gucukurwa azamara iyo ari cyo kigufi. Rushobora kongererwa igihe kitarenze indi myaka cumi n'itanu (15) buri nshuro.

A large-scale mining licence shall be valid for an initial period not exceeding twenty-five (25) years or the estimated life of the mineral ore body proposed to be mined, whichever is shorter. Such a licence may be renewed for further periods each not exceeding fifteen (15) years.

Un permis d'exploitation minière à grande échelle est valable pour une période initiale ne dépassant pas vingt-cinq (25) ans ou la durée de vie estimée du gisement proposé pour être exploité si cette durée de vie est courte. Ce permis peut être renouvelé pour des périodes supplémentaires n'excédant pas chacune quinze (15) ans.

Uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro ku buryo bucibiritse rumara igihe kitarenze imyaka itanu (5). Rushobora kongererwa igihe kitarenze indi myaka itanu (5) buri nshuro.

An artisanal mining licence shall be valid for a period not exceeding five (5) years. Such a licence may be renewed for further periods each not exceeding five (5) years.

Un permis d'exploitation minière artisanale est valable pour une période n'excédant pas cinq (5) ans. Ce permis peut être renouvelé pour des périodes supplémentaires n'excédant pas chacune cinq (5) ans.

<u>Ingingo 12:</u> Gusaba kongererwa igihe cy'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

<u>Article 12</u>: Application for renewal of a mineral licence

<u>Article 12</u>: Demande de renouvellement d'un permis minier

Inyandiko isaba kongererwa igihe cy'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ishyikirizwa Minisitiri mu buryo bwabugenewe, kandi igomba kuba irimo:

The application for renewal of a mineral licence shall be submitted to the Minister in the prescribed form and shall include:

La demande de renouvellement d'un permis minier doit être soumise au Ministre dans la forme prescrite et doit comprendre :

1° raporo y'imirimo y'ubushakashatsi cyangwa y'ubucukuzi yakozwe kugeza igihe isaba rikorewe n'ikiguzi cyayitanzweho;

1° a report on exploration or mining operations carried out as of the date of the application and associated costs;

1° un rapport sur les opérations d'exploration ou d'exploitation minière réalisées à la date de la demande et les coûts y afférents;

2° raporo irambuye y'imirimo yakozwe ku gice cy'ahatangiwe uruhushya iherekejwe n'ibyagaragajwe, imibare, isesengura n'ibisobanuro byayo;

2° a detailed report of the work carried out over any portion of the licence area accompanied by the results, data, analysis and interpretation thereof;

2° un rapport détaillé des travaux effectués sur une quelconque portion du périmètre visé par le permis accompagné des résultats, des données, de leur analyse et

3° gahunda y'imirimo igomba gukorwa mu gihe cy'inyongera n'ikiguzi kizayigendaho;

4° imigambi ifitiwe igice gisabirwa kongererwa igihe.

Iyo ari uruhushya rwo gucukura mine nto cyangwa nini, inyandiko isaba kongererwa igihe iherekezwa kandi n'ibisobanuro birambuye ku:

1° ingano y'amabuye y'agaciro azwi, ashobora kuboneka, cyangwa akekwa yemejwe n'impuguke yigenga yishyurwa n'usaba, kandi akemezwa na Minisitiri;

2° umutungo uzashorwa n'ikiguzi cy'imirimo y'ubucukuzi n'umutungo uzinjizwa mu gihe cy'inyongera;

3° imirimo y'ubucukuzi iteganyijwe mu gihe cy'inyongera iyo itandukanye cyane n'iyakozwe mu gihe cy'uruhushya rurangiye;

4° ibishobora guhinduka mu buryo bwo gucukura no gutunganya ibyavuye mu bucukuzi;

5° ingaruka mbi zishobora kuba ku mibereho

3° a proposed programme of operations to be carried out during the period of renewal and the estimated cost thereof;

4° a plan identifying that part of the licence area for which renewal is sought.

In the case of a small-scale or large-scale mining licence, an application for renewal shall additionally include a statement giving details of:

1° the latest proved, estimated or inferred mineral ore reserves verified by an independent consultant at the cost of the applicant and approved by the Minister;

2° the capital investment to be made in, and production costs and revenue forecasts in respect of the period of renewal;

3° mining operations proposed to be carried out in the period of renewal if substantially different from the previous operations;

4° any expected changes in the method of extraction and processing of mining products;

5° likely social and environmental impacts

interprétation;

3° le programme d'activités proposé à réaliser au cours de la période de renouvellement et les coûts y afférents;

4° un plan indiquant la partie du périmètre du permis pour laquelle le renouvellement est demandé.

Dans le cas d'un permis d'exploitation minière à petite échelle ou à grande échelle, une demande de renouvellement doit en outre comprendre une déclaration précisant :

1° les dernières réserves de minerais prouvées, estimées ou probables vérifiées par un expert indépendant aux frais du demandeur et approuvées par le Ministre;

2° le capital à investir, les coûts de production et les prévisions de recettes au titre de la période de renouvellement;

3° les opérations minières proposées au cours de la période de renouvellement si elles sont sensiblement différentes des opérations précédentes;

4° les changements prévus dans la méthode d'extraction et de traitement des produits miniers;

5° les impacts sociaux et environnementaux

y'abaturage cyangwa ku bidukikije n'ingamba ziteganywa kugira ngo zikurweho ndetse n'ingurane ziteganywa.

as well as proposed mitigation and compensation measures.

probables ainsi que les mesures prévues pour y remédier et les indemnisations prévues.

Ingingo ya 13: Kuvugurura uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Iyo inyandiko isaba itanyuranyije n'ibiteganywa n'amategeko cyangwa ibisabwa n'uruhushya rw'ubucukuzi, Minisitiri avugurura uruhushya, ahinduye cyangwa adahinduye ibyateganywaga n'uruhushya rwa mbere.

Usaba kuvugururirwa uruhushya agomba kumenyeshwa mu nyandiko icyemezo cyafashwe mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60), kandi iyo ahakaniwe, Minisitiri amusobanurira impamvu atemerewe.

Article 13: Renewal of a mineral licence

When the application is consistent with legal provisions and terms and conditions of a mineral licence, the Minister shall renew the licence with or without variation of the terms and conditions of the initial licence.

The person making application for renewal of a licence shall be notified in writing within sixty (60) days of the decision on the renewal application, and if the application is denied, the Minister shall notify the applicant of the reasons for such refusal.

Article 13: Renouvellement d'un permis minier

Si la demande est conforme aux dispositions légales et aux termes et conditions d'un permis minier, le Ministre procède au renouvellement du permis minier avec ou sans modification des termes et conditions du permis initial.

L'auteur de la demande de renouvellement d'un permis doit être notifié par écrit dans un délai de soixante (60) jours de la décision sur la demande de renouvellement et si la demande est refusée, le Ministre lui notifie les motifs de ce refus.

Ingingo ya 14: Gusaba guhererekanya uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Gusaba guhererekanya uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bisabwa Minisitiri mu nyandiko.

Hakurikijwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ihererekanya rigizwe n'ibi bikurikira:

1° itangwa iryo ariryo ryose, igurishwa, cyangwa kwikuraho uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ku

Article 14: Application for transfer of a mineral licence

The application for transfer of a mineral licence shall be addressed to the Minister in writing.

Subject to the provisions of paragraph one of this article, the transfer shall include:

1° any form of assignment, sale or any other disposal of a mineral licence;

Article 14: Demande de transfert d'un permis minier

La demande de transfert d'un permis minier est adressée par écrit au Ministre.

Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, le transfert comprend :

1° toute forme de cession, de vente ou toute autre aliénation d'un permis minier;

buryo ubwo aribwo bwose;

2° kugwatiriza uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa gufatira ingwate y'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro;

3° ihererekanya ry'inyungu z'ubwiganze bw'imigabane ya nyiri uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro urwo arirwo rwose;

4° kwegukana inyungu z'ubwiganze bw'imigabane n'umuntu uwo ariwe wese ku ruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Uburyo bwo guhererekanya uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro hagati y'uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'undi muntu wese bigenwa n'iteka rya Minisitiri.

Iyo uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rumaze kwandikwa ku muntu mushya binyuze mu ihererekanya, uwegukanye uruhushya niwe uhabwa uburenganzira, inshingano n'ibindi byasabwaga gukorwa n'uwahererekanyije uruhushya rw'ubucukuzi.

2° the pledge of a mineral licence or seizure of the pledged mining licence;

3° the transfer of a controlling interest of the holder of any mineral licence;

4° the acquisition by any person of a controlling interest in the holder of the mineral licence.

Modalities for the transfer of a mineral licence between the holder thereof and a third party shall be determined by a Ministerial Order.

When the mineral licence is registered in the name of the new holder by way of transfer, the rights, responsibilities and other obligations of the transferor shall immediately pass to the transferee.

2° mise en gage d'un permis minier ou rétention d'un permis minier mis en gage;

3° le transfert d'un intérêt majoritaire du titulaire d'un quelconque permis minier;

4° l'acquisition par une quelconque personne d'un intérêt majoritaire dans le permis minier.

Les modalités de transfert d'un permis minier entre le titulaire et le tiers sont déterminées par arrêté du Ministre.

Lorsque le permis minier est enregistré au nom d'un nouvel acquéreur par voie de transfert, les droits, les responsabilités et d'autres obligations du cédant passent immédiatement au cessionnaire.

UMUTWE WA III: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'UWAHAWE URUHUSHYA RW'UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO

Ingingo ya 15: Uburenganzira bw'uwahawe uruhushya rwo gushakashaka

Bitanyuranije n'iri tegeko cyangwa ibindi bisabwa ku ruhushya rwo gushakashaka, uwahawe uruhushya rwo gushakashaka afite uburenganzira busesuye bwo gukora imirimo y'ubushakashatsi ahantu yaherewe uruhushya.

Uwahawe uruhushya rwo gushakashaka ashobora:

1° gushakisha amabuye y'agaciro yose yaherewe uruhushya;

2° gutobora no gucukura imyobo yakenerwa;

3° gukura ahantu yaherewe uruhushya amabuye y'agaciro y'ikitegererezo n'amabuye y'agaciro agenewe isuzuma kugira ngo agenzurwe, ahabwe agaciro, ariko ingano yayo ntirenze ibipimo byagenwe n'iteka rya Minisitiri ku bijyanye n'ubushakashatsi;

4° kugurisha, amaze kubiherwa uruhushya na Minisitiri, amabuye y'agaciro y'ikitegererezo n'amabuye y'agaciro agenewe isuzuma yavuye mu bikorwa

CHAPTER III: RIGHTS AND RESPONSIBILITIES OF THE HOLDER OF A MINERAL LICENCE

Article 15: Rights of the holder of an exploration licence

Without prejudice to this Law or other exploration licence conditions, the holder of an exploration licence shall have the full right to carry out exploration operations in the exploration licence area.

The holder of an exploration licence may:

1° explore for all mineral ores in respect of which he/she is granted the licence;

2° drill boreholes and make such excavations as may be necessary;

3° collect from the exploration licence area mineral ore specimens and samples for the purpose of having them analysed and valued without exceeding such limit as specified by a ministerial Order for exploration purposes;

4° sell, with prior authorization of the Minister, mineral ore specimens and samples obtained from exploration operations and pay taxes associated with

CHAPITRE III: DROITS ET OBLIGATIONS DU TITULAIRE D'UN PERMIS MINIER

Article 15: Droits du titulaire d'un permis d'exploration

Sans préjudice de la présente loi ou d'autres conditions liées au permis d'exploration, le titulaire d'un permis d'exploration a pleinement droit d'exercer les activités d'exploration dans le périmètre visé par le permis.

Le titulaire d'un permis d'exploration peut :

1° explorer tous les minerais qui font l'objet de son permis;

2° effectuer des forages et faire des excavations qui s'avèrent nécessaires;

3° prendre des spécimens et échantillons de minerais dans le périmètre d'exploration afin de les analyser et les évaluer sans pour autant dépasser les quantités déterminées par l'arrêté du Ministre à des fins d'exploration;

4° vendre, sur autorisation préalable du Ministre, les spécimens et échantillons de minerais obtenus à partir des opérations d'exploration et payer les impôts et les

by'ubushakashatsi kandi akariha imisoro n'amahoro bijyanye n'iryo gurisha ryayo mabuye y'agaciro;

5° kubaka inkambi n'andi mazu y'agateganyo; kandi, uretse Minisitiri abitegetse ukundi, gukuraho, mbere cyangwa igihe imirimo y'ubushakashatsi ihagaze, inkambi n'andi mazu y'agateganyo n'izindi nyubako zubatswe n'uwahawe uruhushya.

Bitanyuranyije n'ibisabwa n'iri tegeko, uwahawe uruhushya rwo gushakashaka afite uburenganzira bwihariye bwo gusaba uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro ahantu hakorewe ubushakashatsi hakavumburwa inganzo y'amabuye y'agaciro ashobora kubyazwa umusaruro utanga inyungu.

Inyandiko isaba ivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo igomba gutangwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo icyenda (90) mbere y'uko uruhushya rwo gushakashaka rurangira.

Iyo uruhushya rwo gushakashaka rurangiye mu gihe inyandiko isaba uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro itarasubizwa, uruhushya rwo gushakashaka rukomeza kugira agaciro kugeza igihe iyo nyandiko isaba uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro isubirijwe hakurikijwe iri tegeko.

the sale of such mineral ores;

5° erect camps and temporary buildings; and, unless the Minister decides otherwise, remove before or upon the termination of the exploration operations, any such camps, temporary buildings or other facilities erected by the holder of a licence.

Subject to the provisions of this law, the holder of an exploration licence shall have the exclusive right to apply for a mining licence over any portion of the exploration licence area where an economically mineable mineral deposit is discovered.

The application under paragraph 3 of this Article shall be made within ninety (90) days before the expiry of the exploration licence.

When an exploration licence expires pending a response on a mining licence application, the exploration licence shall remain valid until a mining licence application is determined in accordance with this law.

taxes afférentes à la vente de ces minerais;

5° installer des campements et bâtiments temporaires, et, à moins que le Ministre n'en décide autrement, enlever, avant ou à l'arrêt des travaux d'exploration, les campements, les bâtiments temporaires ou d'autres installations érigés par le titulaire d'un permis.

Sous réserve des dispositions de la présente loi, le titulaire d'un permis d'exploration a le droit exclusif de demander un permis d'exploitation minière sur une quelconque portion du périmètre du permis d'exploration où un gisement minier économiquement exploitable est découvert.

La demande visée à l'alinéa 3 du présent article doit être adressée dans un délai de quatre-vingt-dix (90) jours avant l'expiration du permis d'exploration.

Si un permis d'exploration arrive à expiration avant qu'il ne soit donné suite à la demande d'un permis d'exploitation minière, le permis d'exploration continue à être valable jusqu'à ce qu'il soit donné suite à la demande d'un permis d'exploitation minière conformément à la présente loi.

Ingingo ya 16: Inshingano z'uwahawe uruhushya rwo gushakashaka

Uwahawe uruhushya rwo gushakashaka agomba:

1° gutangira imirimo yo gushakashaka mu minsi mirongo icyenda (90) uhereye umunsi yaherewe uruhushya rwo gushakashaka;

2° gukora no gushora imari mu bikorwa by'ubushakashatsi hakurikijwe gahunda y'ibikorwa by'ubushakashatsi yemejwe na Minisitiri;

3° gushyikiriza Minisitiri buri mezi atandatu (6) raporo ivunaguye yerekana aho imirimo igeze hakurikijwe gahunda yari yemeranyijweho ikozwe ku buryo bwateganyijwe;

4° gukoresha no guhugura abakozi hakurikijwe ibyemeranyijwe mu itangwa ry'uruhushya;

5° kumenyesha Minisitiri inganzo y'amabuye y'agaciro yavumbuwe ashobora kubyazwa umusaruro kandi ataherewe uruhushya mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) akimara kuvumburwa;

6° kubika inyandiko zijyanye n'imirimo y'ubushakashatsi aho abarizwa mu Rwanda, zerekana ibi bikurikira:

Article 16: Responsibilities of the holder of an exploration licence

The holder of an exploration licence must:

1° commence exploration operations within ninety (90) days from the date of issue of the exploration licence;

2° carry out and finance exploration operations in accordance with a program of exploration operations approved by the Minister;

3° submit to the Minister, every six (6) months in the prescribed form, a summary report on work progress in consideration of the approved program prepared;

4° employ and train employees in accordance with the terms and conditions agreed upon when issuing the licence;

5° notify the Minister of the discovery of any mineral ore deposit of possible economic value not included in his/her licence within a period of thirty (30) days of such discovery;

6° keep at his/her address in Rwanda exploration records indicating the following:

Article 16: Obligations du titulaire du permis d'exploration

Le titulaire d'un permis d'exploration doit:

1° commencer les opérations d'exploration dans les quatre-vingt-dix (90) jours suivant la date de délivrance du permis d'exploration;

n'amategeko abigenga.

shall be according to the relevant applicable laws.

vigueur.

UMUTWE WA VI: KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE, UBUZIMA N'UMUTEKANO

CHAPTER VI: PROTECTION OF THE ENVIRONMENT, HEALTH AND SAFETY

CHAPITRE VI: PROTECTION DE L'ENVIRONNEMENT, SANTÉ ET SÉCURITÉ

Ingingo ya 30: Iyubahirizwa ry'amategeko agenga ibidukikije

Uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro agomba kubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga ibidukikije.

Article 30: Compliance with laws related to environment

A holder of a mineral licence shall comply with environmental laws and regulations.

Article 30: Conformité aux lois en matière d'environnement

Le titulaire d'un permis minier est soumis aux lois et règlements en matière de l'environnement.

Ingingo ya 31: Gusana ahantu hangijwe

Uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rwatanzwe hakurikijwe iri tegeko rugomba guteganya ingingo zijyanye no gusana, gusiba imyobo, gutera ibiti no kuringaniza ahakorewe ubushakashatsi, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ku buryo bucirirtse cyangwa ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro muri mine nto cyangwa nini bishobora kwangizwa n'iyo mirimo.

Article 31: Rehabilitation of damaged areas

A mineral licence granted under this law shall include conditions relating to the rehabilitation, reinstatement, levelling, reforesting and contouring of any part of the exploration, artisanal mining, small-scale mining or large-scale mining licence area that may be damaged by exploration or mining operations.

Article 31: Remise en état des périmètres endommagés

Un permis minier accordé en vertu de la présente loi doit prévoir les conditions relatives à la réhabilitation, la remise en état, le nivellement, le reboisement et le remodelage de toute portion du périmètre d'exploration, d'exploitation minière artisanale et d'exploitation des mines à petite ou à grande échelle qui peut être endommagée par l'exploration ou l'exploitation minière.

Ingingo ya 32: Gutanga ingwate y'amafaranga yo kurengera ibidukikije

Usaba uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro agomba gutanga mu gihe cyagenwe ingwate y'amafaranga yo kurengera ibidukikije.

Article 32: Deposit a financial guarantee for environment protection

Any person requesting for a mining licence shall provide, within a prescribed time, financial guarantees for the protection of the environment.

Article 32: Dépôt de fonds en garantie de la protection de l'environnement

Tout demandeur d'un permis d'exploitation minière doit fournir, dans le délai prescrit, le dépôt de fonds en garantie de la protection de l'environnement.

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo ingwate y'amafaranga yo kurengera ibidukikije itangwa n'uburyo ikoreshwa.

A ministerial Order shall determine modalities and requirements for the financial guarantee of environmental protection.

Un arrêté du Ministre détermine les conditions et exigences du dépôt de fonds en garantie de la protection de l'environnement.

Ingingo ya 33: Ubuzima n'umutekano by'abakozi n'abandi bantu

Article 33: Health and safety of workers and other persons

Article 33: Santé et sécurité des travailleurs et d'autres personnes

Umuntu wese wahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro agomba:

Every holder of any type of mineral licence shall:

Tout titulaire d'un permis minier doit:

1° gukora ku buryo mine itangizwa kumugaragaro, ikoreshwa kandi igacungwa ndetse igakurwaho ku buryo abakozi bagomba gukora imirimo yabo nta mbogamizi ku mutekano, ubuzima kuri bo no ku wundi muntu uwo ariwe wese;

1° ensure that the mine is commissioned, operated, maintained and decommissioned in such a way that workers shall perform their work without endangering the health and safety of themselves or of any other person;

1° veiller à ce que la mine soit mise en service, exploitée, entretenue et déclassée de façon à ce que les travailleurs doivent exécuter leur travail sans mettre en danger leur santé et sécurité ou celles de toute autre personne;

2° gukora ku buryo abantu batari abakozi ariko bashobora kugirwaho ingaruka n'imirimo ikorerwa muri mine batabangamirwa ku buzima n'umutekano wabo;

2° ensure that persons who are not employees, but who may be directly affected by the activities at the mine are not exposed to any hazards to their health and safety;

2° s'assurer que les personnes qui ne sont pas des employés, mais qui pourraient être directement affectées par les activités de la mine ne soient pas exposées à des risques pour leur santé et leur sécurité;

3° gukora ku buryo abantu bose bakora muri mine baba bafite ubumenyi n'ubushobozi buhagije bwo gukora akazi kabo mu mutekano no kubungabunga umutekano w'abandi.

3° ensure that all persons working at the mine have the necessary skills, competence and resources to undertake their work safely and to ensure the safety of others.

3° veiller à ce que toutes personnes travaillant à la mine aient l'experience, les compétences et les ressources nécessaires pour entreprendre leur travail en toute sécurité et assurer la sécurité d'autrui.

Iyo umukozi ubifitiye ububasha asanze imirimo y'ubucukuzi cyangwa ikindi kintu gifitanye isano n'iyo mirimo giteza umutekano muke cyangwa kitameze neza ku buryo cyateza impanuka ku muntu uwo ariwe wese, uwo mukozi abimenyesha

Where an authorised officer considers any mining operation or anything connected with any such operation to be so dangerous or defective as to be likely to cause bodily injury to any person, such officer may give a prompt notice in writing

Lorsqu'un agent autorisé considère que des activités minières ou toute chose liée à ces activités sont dangereux ou défectueux et sont susceptibles de causer des dommages corporels à n'importe quelle personne, cet agent notifie

mu buryo bwihuse, mu nyandiko, uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro. Iyo inyandiko imenyesha ishobora gusaba ko icyo kintu giteza umutekano muke cyangwa cyateza impanuka gisanwa cyangwa kigakurwaho, haba ako kanya cyangwa mu gihe cyagenwe, kandi uwo mukozi yasanga ari ngombwa agategeka ko imirimo y'ubucukuzi ihagarikwa kugeza igihe ibiteza umutekano muke bikuweho cyangwa ibyangiritse bigasanwa.

to the holder of a mining licence. The notice may require the danger or defect to be remedied or removed, either immediately or within such time as may be specified, and if the authorised officer considers it necessary, order the mining operations to be suspended until the danger is removed or the defect remedied.

rapidement par écrit au titulaire d'un permis minier. La notification peut exiger que le danger ou le défaut soient corrigés ou supprimés, soit immédiatement, soit dans le délai spécifié, et si l'agent autorisé l'estime nécessaire, ordonner que les opérations minières soient suspendues jusqu'à ce que le danger soit éliminé ou le défaut réparé.

Iyo uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ashaka kujuririra icyemezo cyangwa amabwiriza yahawe n'umukozi ubishinzwe, agomba guhagarika imirimo y'ubucukuzi ako kanya cyangwa igice cyayo kirebwa n'uwo mwanzuro hanyuma akajuririra Minisitiri kuri uwo mwanzuro. Minisitiri niwe utanga igisubizo, kandi icyo cyemezo ntikijuririrwa.

If the holder of a mineral licence intends to make an appeal to any decisions or orders given by the authorised officer, he/she shall immediately cease the mining operations or that part of the operations affected by the notice and make an appeal to the Minister against that decision and the Minister's decision shall not be subject to appeal.

Si le titulaire d'un permis minier a l'intention de faire recours contre la décision ou les instructions de l'agent autorisé, il doit immédiatement suspendre les opérations minières ou la partie des opérations visées par la notification et faire recours auprès du Ministre contre la décision. Le Ministre prend la décision qui n'est pas susceptible de recours.

UMUTWE WA VII: URUHUSHYA RWA KARIYERI

CHAPTER VII: QUARRY LICENCE

CHAPITRE VII: PERMIS DE CARRIERE

Ingingo ya 34: Gusaba guhabwa cyangwa kongererwa igihe cy'uruhushya rwa kariyeri

Gusaba guhabwa cyangwa kongererwa igihe cy'uruhushya rwa kariyeri bigenwa n'iteka rya Minisitiri.

Article 34: Application for grant or renewal of a quarry licence

The application for the grant or renewal of a quarry licence shall be determined by a minister Order.

Article 34: Demande d'octroi ou de renouvellement d'un permis de carrière

La demande d'octroi ou de renouvellement d'un permis de carrière doit être déterminée par un arrêté du Ministre.

Ingingo ya 35: Ibangikana ry'impushya za kariyeri n'impushya z'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Uruhushya rwa kariyeri rushobora gutangwa ahantu hamwe n'ahatangiwe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu gihe Minisitiri asanze imirimo yo gucukura kariyeri itazabangamira iy'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Article 35: Coexistence of a quarry licence and a mining licence

A quarry licence may be granted in the same mining licence area provided that the Minister finds that the quarrying operations will not interfere with the mining operations.

Article 35: Coexistence d'un permis de carrière et minier

Un permis de carrière peut être accordé sur le même périmètre sous permis minier à condition que le Ministre détermine que les opérations de carrières ne vont pas interférer avec les opérations minières.

Ingingo ya 36: Ihererekanya ry'impushya za kariyeri

Impushya za kariyeri zose zishobora guhererekanywa.

Ibisabwa n'uburyo ihererekanywa ry'uruhushya rwa kariyeri rikorwa bigenwa n'iteka rya Minisitiri.

Iyo iryo hererekanya rimaze kwandikwa, uwegukanye uruhushya rwa kariyeri niwe ubona uburenganzira kandi akubahiriza inshingano, indi mirimo n'imyenda byabazwaga uwari asanganywe uruhushya.

Article 36: Transfer of quarry licences

All quarry licences are transferrable.

The requirements and conditions for transfer of quarry licences shall be determined by a ministerial Order.

Upon the registration of the transfer of a quarry licence, the transferee shall assume and be responsible for all rights, liabilities and duties of the transferor under the quarry licence.

Article 36: Transfert des permis de carrière

Tous les permis de carrière sont transférables.

Les exigences et les conditions de transfert des permis de carrière sont déterminées par un arrêté du Ministre.

Lors de l'inscription du transfert d'un permis de carrière, le cessionnaire hérite de tous les droits, responsabilités et obligations du cédant en vertu du permis de carrière.

Ingingo ya 37: Uburenganzira bw'uwahawe uruhushya rwa kariyeri

Uwahawe uruhushya rwa kariyeri afite uburenganzira bwo gushakashaka, gukoresha no kongerera agaciro ibyavuye muri kariyeri.

Article 37: Rights of the holder of a quarry licence

The holder of a quarry licence shall have the right to explore, use and add value to quarry products obtained from quarrying.

Article 37: Droits du détenteur d'un permis de carrière

Le titulaire d'un permis de carrière a le droit d'explorer, utiliser et ajouter de la valeur aux produits obtenus de la carrière.

Uwahawe uruhushya rwa kariyeri nto cyangwa nini z'ubucuruzi ashobora kugurisha ibyavuye muri kariyeri.

Ingingo ya 38: Inshingano z'uwahawe uruhushya rwa kariyeri

Uwahawe uruhushya rwa kariyeri agomba:

1° gutanga raporo ikubiyemo ibisabwa kandi ku gihe cyagenwe n'iteka rya Minisitiri;

2° guha ingurane ikwiye ku butaka n'indi mitungo byangijwe biturutse ku mirimo ikorerwa muri kariyeri yahererewe uruhushya;

3° kubungabunga ibidukikije hubahirizwa amategeko;

4° gusana ibyangijwe n'imirimo yakorewe muri kariyeri no gusubiza ubutaka bwatanzweho uruhushya;

5° gutanga imisoro n'amahoro bijyanye n'ubucukuzi n'igurisha ry'ibikomoka kuri kariyeri.

Ingingo ya 39: Gusubiza ahantu hatangiwe uruhushya rwa kariyeri

Hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko, uwahawe

The holder of a commercial small-scale or a large-scale quarry licence may sell quarry products obtained from quarrying.

Article 38: Responsibilities of the holder of a quarry licence

The holder of a quarry licence shall:

1° produce such reports with content and at intervals as may be determined by a Ministerial Order;

2° provide a fair compensation for damage to land and property resulting from quarrying operations in the licence area;

3° ensure the protection of the environment in accordance with law;

4° ensure the reclamation of any damage caused by the quarry and relinquish the quarry licence area;

5° pay taxes and other applicable fees relating to quarrying and sale of quarry products.

Article 39: Relinquishment of a quarry licence area

In accordance with this law, the holder of a

Le titulaire d'un permis d'une petite ou grande carrière commerciale peut vendre les produits de la carrière.

Article 38: Obligations du titulaire d'un permis de carrière

Le titulaire d'un permis de carrière doit :

1° produire les rapports dont le contenu et la périodicité sont déterminés par un arrêté ministériel;

2° offrir une indemnité juste pour les dommages aux terres et aux biens résultant d'opérations de carrière sur le périmètre sous permis;

3° assurer la protection de l'environnement conformément à la loi;

4° remise en état d'une carrière et renoncer au périmètre sous permis de carrière;

5° payer les impôts et taxes et autres frais applicables relatives aux opérations de carrières et à la vente des produits de carrières.

Article 39: Renonciation à un périmètre sous permis de carrière

Conformément á la présente loi, le titulaire d'un

uruhushya rwa kariyeri ashobora gusubiza ahantu hatangiwe uruhushya cyangwa igice cy'aho kandi agomba:

1° guha Minisitiri cyangwa urwego rwatanze uruhushya rwa kariyeri integuza y'iminsi itari munsi ya mirongo itatu (30) ku ruhushya rwa kariyeri itari iy'ubucuruzi n'iminsi mirongo itandatu (60) ku zindi mpushya za kariyeri;

2° kubahiriza ibisabwa n'uruhushya rwa kariyeri;

3° gutanga raporo irambuye nk'uko bisabwa, irimo amakuru yose ajyanye n'imirimo yakorewe ahantu hasubizwa.

Uwahawe uruhushya rwa kariyeri rutari urw'ubucuruzi agomba mu gihe cyagenwe nyuma yo gusubiza ahantu yaherewe uruhushya:

1° gutanga icyemezo cy'uko nta misoro arimo cyatanzwe n'inzego zibishinzwe;

2° gutanga icyemezo cy'uko nta myenda abereyemo abakozi cyatanzwe n'ibiro by'ubugenzuzi bw'umurimo mu Karere akoreramo.

Gusubiza ahantu hatangiwe uruhushya rwa kariyeri ntibigomba kubangamira iyishyurwa ry'imyenda

quarry licence may relinquish the whole or part of a quarry licence area and must:

1° give to the Minister or the Authority that issued the quarry licence, not less than thirty (30) days' notice for non-commercial quarries and sixty (60) days' notice for other quarries;

2° comply with terms and conditions of the quarry licence;

3° submit a detailed report as requested containing all information on all activities carried out in the relinquished area.

The holder of non-commercial quarry licence shall within a prescribed period after relinquishment:

1° submit a tax clearance certificate issued by the relevant authority;

2° submit a certificate of no debt to the employees issued by the labour inspection department in the District where he/she operates.

The relinquishment of a quarry licence area shall be without prejudice to any liabilities or

permis de carrière peut renoncer à tout ou une partie d'un périmètre sous permis de carrière et doit:

1° donner au Ministre ou à l'autorité compétente qui a délivré le permis de carrière, un préavis d'au moins trente (30) jours calendriers pour les carrières non commerciales et un préavis d'au moins soixante (60) jours pour les autres carrières;

2° se conformer aux termes et conditions du permis de carrière ;

3° soumettre un rapport détaillé tel que prescrit contenant toutes les informations sur toutes les activités menées sur le périmètre renoncé.

Le titulaire d'un permis de carrière non commercial doit, dans un délai prescrit après la remise du périmètre :

1° présenter une attestation de non créance fiscale délivrée par l'autorité compétente;

2° présenter une attestation de non créance envers les employés émise par le service d'inspection du travail du District où il exerce son activité.

La renonciation à un périmètre sous permis de carrière se fait sans préjudice aux dettes ou

cyangwa inshingano uwahawe uruhushya afite zirebana n'ahantu hasubizwa mbere y'itariki yo kuhasubiza, kimwe n'inshingano ziteganywa mu gika cya 2.

Ingingo ya 40: Gukuraho burundu uruhushya rwa kariyeri

Uruhushya rwa kariyeri rushobora gukurwaho burundu na Minisitiri cyangwa urwego rwarutanze iyo uwaruhawe atubahirije ibisabwa n'iri tegeko n'amabwiriza cyangwa ibisabwa n'urwo ruhushya rwa kariyeri.

UMUTWE WA VIII: INGINGO ZIJYANYE N'IMARI

Ingingo ya 41: Umusoro ku musaruro n'indi misoro

Uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw' amabuye y'agaciro cyangwa rwa kariyeri agomba gutanga umusoro ku musaruro n'indi misoro nk'uko biteganywa n'amategeko agenga imisoro.

Ingingo ya 42: Umusoro ku mabuye y'agaciro

Hashingiwe ku biteganywa n'amategeko agenga imisoro, umuntu ugurisha amabuye y'agaciro agomba, mu gihe cyagenwe, kwishyura umusoro ku mabuye y'agaciro.

obligations incurred by the holder in relation to the area relinquished prior to the date of relinquishment as well as obligations imposed under Paragraph 2.

Article 40: Cancellation of quarry a licence

A quarry licence may be cancelled by the Minister or the relevant authority that issued the licence if the holder contravenes any of the provisions of this law and directives or terms and conditions of the quarry licence.

CHAPTER VIII: FINANCIAL PROVISIONS

Article 41: Income tax and other taxes

The holder of a mineral or quarry licence shall be subject to income tax and other taxes in accordance with relevant tax laws.

Article 42: Tax on mineral ores

In accordance with the provisions of tax laws, the seller of mineral ores shall, within the prescribed period, pay tax in respect of any mineral ore obtained pursuant to the mining licence.

obligations contractées par le titulaire par rapport au périmètre renoncé avant la date de la renonciation ainsi que les obligations imposées au titre de l'alinéa 2.

Article 40: Annulation d'un permis de carrière

Un permis de carrière peut être annulé par le Ministre ou l'autorité compétente qui l'a délivré si le titulaire est en violation des dispositions de la présente loi, des instructions ou des termes et conditions du permis de carrière.

CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS FINANCIERES

Article 41: Impôt sur les bénéfices et autres impôts

Le titulaire d'un permis minier ou de carrière est soumis à l'impôt sur le revenu et autres taxes conformément aux lois fiscales.

Article 42: Taxe sur les minerais

Conformément aux dispositions des lois fiscales, le vendeur de minerais doit, dans le délai prescrit, payer la taxe pour tout minerai obtenu en vertu du permis minier.

Ingingo ya 43: Amafaranga yo gusaba uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa rwa kariyeri

Usaba uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa rwa kariyeri agomba kwishyura amafaranga adasubizwa agenwa n'Iteka rya Minisitiri.

Ingingo ya 44: Amahoro ku buso atangwa ku mwaka

Uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa rwa kariyeri agomba kuriha Leta buri mwaka amahoro ku buso bw'ubutaka yaherewe uruhushya.

Ayo mahoro arihwa ku mwaka ashyirwaho n'iteka rya Minisitiri.

Ingingo ya 45: Gucuruza amabuye y'agaciro

Uwemerewe kugura cyangwa kugurisha amabuye y'agaciro ni:

1° uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rwatanzwe na Minisitiri;

2° ufite uruganda rushongesha cyangwa rutunganya amabuye y'agaciro rukorera mu Rwanda;

3° uwahawe uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro rwatanzwe na Minisitiri

Article 43: Mineral or quarry licence application fee

An applicant for a mineral or quarry licence shall pay a non-refundable fee determined by a ministerial Order.

Article 44: Annual surface area fees

The holder of a mineral or a quarry licence shall pay annual fees to the Government for the surface area covered by the licence.

The annual fee payable shall be determined by a ministerial Order.

Article 45: Trading in mineral ores

The person who is authorized to purchase or sell mineral ores is the following:

1° the holder of mining licence issued by the Minister;

2° the owner of a smelting or mineral ore processing plant based in Rwanda;

3° the holder of a mineral ore trading permit granted by the Minister in charge of

Article 43: Frais de demande d'un permis minier ou de carrière

Le demandeur d'un permis minier ou de carrière doit payer une somme d'argent non remboursable déterminée par un arrêté du Ministre.

Article 44: Frais de superficie annuels

Le titulaire d'un permis minier ou de carrière doit payer au Gouvernement des redevances annuelles par rapport à la superficie du périmètre faisant l'objet du permis.

Les redevances annuelles exigibles sont déterminées par un arrêté du Ministre.

Article 45: Commerce des minerais

La personne autorisée à acheter ou vendre des minerais est:

1° le titulaire d'un permis minier délivré par le Ministre;

2° le propriétaire d'une fonderie ou d'une usine de traitement de minerais basé au Rwanda ;

3° le titulaire d'un permis de commerce de minerais délivré par le Ministre ayant le

ufite ubucuruzi mu nshingano ze.

commerce.

commerce dans ses attributions.

Ingingo ya 46: Kugurisha amabuye y'agaciro ku masosiyete bafitanye isano

Uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ashobora kugurisha amabuye y'agaciro gusa ku masosiyete bafitanye isano iyo igiciro ahabwa kingana n'icyo yabona agurishije ku bandi baguzi badafitanye isano kandi hubahirijwe izindi ngingo mu masezerano yakorwa hatitawe ko impande zombi zifitanye isano.

Minisitiri ashobora kugena uburyo ibiciro bikoreshwa mu kugurisha hagati y'uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'amasosiyete bafitanye isano.

Article 46: Sales of mineral ores to affiliated purchasers

The holder of a mineral licence shall sell mineral ores to affiliates only at prices equivalent to the prices that would be obtained in arm's length sales to non-affiliated purchasers and in accordance with such other terms and conditions on which agreements would be made if the parties had not been affiliated.

The Minister may prescribe the manner in which arm's length prices will be determined for sales by holders of a mineral licence to their affiliates.

Article 46: Ventes des minerais aux acheteurs affiliés

Le titulaire d'un permis minier peut vendre les minerais à ses affiliés seulement à des prix équivalents aux prix qui seraient obtenus dans des conditions de pleine concurrence à des acheteurs non-affiliés et conformément aux autres conditions et modalités sur la base desquelles les accords seraient faits si les parties n'avaient pas été affiliées.

Le Ministre peut prescrire la façon dont les prix de pleine concurrence seront déterminés lors de la vente par le titulaire d'un permis minier à ses affiliés.

Ingingo ya 47: Ishoramari rya Leta

Leta ishobora kugira imigabane mu mirimo y'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, hakurikijwe ingingo zumvikanyweho hagati y'uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na Leta.

Article 47: Government equity participation

The Government shall have the option to acquire on such terms as shall be agreed upon between the holder of a mineral licence and the Government, shareholding interest in any mining operations.

Article 47: Acquisition de parts sociales par le Gouvernement

Le Gouvernement a l'option d'acquérir à des conditions qui sont convenues entre le titulaire d'un permis minier et le Gouvernement, des parts sociales dans les opérations minières.

UMUTWE WA IX: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 48: Gukoresha no guhugura abakozi

Uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'abo bafitanye amasezerano bagomba kubahiriza ibisabwa n'amategeko agenga umurimo.

Uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rugomba kugira ingingo zisaba uwaruhawe guha amahugurwa abakozi abongerera ubumenyi bwatuma barangiza neza inshingano zabo.

Ingingo ya 49: Amasoko y'ibikoresho n'imirimo iboneka mu gihugu

Nk'uko bisabwa na Minisitiri cyangwa biteganywa mu ruhushya rw'ubucukuzi bw' amabuye y'agaciro, uwahawe uruhushya agomba:

1° guhitamo mbere na mbere ba rwiyemezamirimo b'abanyarwanda mbere y'abandi ku mirimo na serivise igihe cyose ibiciro, ubwiza n'igihe imirimo ikorerwa cyangwa serivise zitangirwa binganya ubwiza n'ibyo abanyamahanga batanga;

2° gukoresha mbere na mbere ibikoresho bikorerwa mu Rwanda igihe cyose bifite ubwiza, biboneka ku bwinshi no ku biciro bimwe n'ibikorerwa hanze y'u Rwanda;

CHAPTER IX: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Article 48: Employment and training of employees

The holder of a mineral licence and his/her direct subcontractors shall comply with the requirements of applicable labour laws.

A mineral licence must include conditions requiring its holder to provide training to employees to enable them to perform well their duties.

Article 49: Procurement of local goods and services

As prescribed by the Minister or as provided for in the conditions to a mineral licence, the holder of a mining licence shall:

1° give priority to Rwandan contractors for services, provided that the rates, quality and time schedule for delivery are competitive to what is submitted by non-residents contractors;

2° give priority to materials and goods produced in Rwanda, so long as they are comparable in quality, quantity, price and delivery to materials and goods

CHAPITRE IX: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES

Article 48: Emploi et formation des ouvriers

Le titulaire d'un permis minier et ses sous-traitants directs doivent se conformer aux exigences de la législation du travail.

Un permis minier doit comporter des conditions obligeant le titulaire à dispenser des formations aux ouvriers afin de bien s'acquitter de leurs tâches.

Article 49: Achats des biens et services locaux

Tel que prescrit par le Ministre ou tel que prévu dans les conditions d'un permis minier, le titulaire d'un permis minier doit:

1° donner la priorité à des entrepreneurs rwandais pour les services, dans la mesure où les prix, la qualité et le délai de d'exécution sont compétitifs par rapport à ce qui est proposé par des entrepreneurs étrangers;

2° donner la priorité aux matériaux et produits fabriqués au Rwanda, dans la mesure où ils sont comparables en qualité, quantité, et prix et délai de livraison aux

produced outside of Rwanda;

matériaux et produits fabriqués à l'extérieur du Rwanda ;

3° guha Minisitiri raporo ku gihe cyagenwe ku bijyanye no kubahiriza ibisabwa muri iyi ngingo.

3° provide periodic reports to the Minister regarding its compliance with the requirements of this article.

3° fournir des rapports périodiques au Ministre en ce qui concerne la conformité avec les exigences du présent article.

Ingingo ya 50: Kongera agaciro no kubyaza amabuye y'agaciro ibikoresho birangiye

Article 50: Value addition and transformation

Article 50: Valeur ajoutée et transformation

Uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rushobora guteganya ingingo zisaba uwaruhawe gushakishiriza mu Rwanda uburyo bwo gutunganya no gushongesha amabuye y'agaciro yacukuwe ahatangiwe uruhushya, n'ibindi bikorwa byayahesha agaciro cyangwa bikayabyaza ibikoresho birangiye.

A mineral licence may include provisions requiring a holder to explore the feasibility of carrying out inside Rwanda processing and refining of mineral products or other operations that would add value to or transform the mineral products derived from the applicable mining areas.

Un permis minier peut inclure des dispositions exigeant du titulaire d'évaluer la faisabilité de traiter et affiner les produits miniers au Rwanda ou d'autres opérations qui ajoutent de la valeur ou la transformation des produits miniers provenant des périmètres miniers.

Ingingo ya 51: Amasezerano n'abahawe impushya

Article 51: Mining agreements

Article 51: Conventions minières

Bitanyuranyije n'ibiteganywa n'iri tegeko, Minisitiri ashobora kugirana amasezerano y'ubucukuzi n'abahawe impushya z'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na za kariyeri mu rwego rwo kunoza uburenganzira n'inshingano by'abahawe izo mpushya.

Without prejudice to the provisions of this law, the Minister may enter into mining agreements with mining and quarry licence holders to perfect the rights and obligations of a holder of a mining licence or a quarry licence.

Le Ministre peut conclure des accords d'exploitation minière avec les titulaires des permis miniers et de carrières dans le respect des dispositions de la présente loi, pour perfectionner les droits et obligations d'un titulaire d'un permis minier ou de carrière.

Ibikubiye mu masezerano bigenwa n'iteka rya Minisitiri.

The content of the agreement shall be determined by an Order of the Minister.

Le contenu de ces accords est déterminé par arrêté du Ministre.

Ingingo ya 52: Ingingo y'inzibacyuho

Article 52: Transitional provision

Article 52: Disposition transitoire

Uruhushya urwo ari rwo rwose rw'ubucukuzi

Any mineral licence or quarry permit granted

Tout permis minier ou de carrière accordé

bw'amabuye y'agaciro cyangwa rwa kariyeri rwatanzwe hakurikijwe Itegeko n° 37/2008 ryo kuwa 11/08/2008 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri rukomeza kugira agaciro karwo kugeza igihe ruteganyirijwe kuzarangirira.

Nta ruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa rwa kariyeri rwatanzwe mbere y'iri tegeko rushobora kongererwa igihe. Icyakora, iyo uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa rwa kariyeri rwatanzwe mbere y'iri tegeko ruteganya ko rushobora kongererwa igihe, uwaruhawe ashobora, hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko, guhabwa mbere y'abandi iyo yujuje ibisabwa urundi ruhushya rw'ubwoko bumwe n'urwo asanganywe.

Ingingo ya 53: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 54: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranijwe n'iri tegeko

Itegeko n° 37/2008 ryo ku wa 11/08/2008 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri kimwe n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo, bivanyweho.

under Law n° 37/2008 of 11/08/2008 on mining and quarry exploitation shall remain into force until expiration of the period for which it was granted.

No mineral or quarry licence granted prior to this law shall be extended or renewed. However, where the mineral or quarry licence granted prior to this law provided for a right to apply for a renewal or extension of the licence, the holder thereof may be granted, subject to this law, a similar type of licence on a priority basis if he/she meets the requirements.

Article 53: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 54: Repealing provision

Law n^0 37/2008 of 11/08/2008 on mining and quarry exploitation as well as all prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

conformément à la Loi n° 37/2008 du 11/08/2008 portant exploitation des mines et des carrières restera valide jusqu'à expiration de la période pour laquelle il a été accordé.

Aucun permis minier ou de carrière accordé avant la présente loi ne sera prolongé ou renouvelé. Toutefois, quand un permis minier ou de carrière accordé avant la mise en application de la présente loi prévoit le droit de faire une demande de renouvellement ou de prolongation du permis, le titulaire du permis peut recevoir en priorité, sous réserve des provisions de la présente loi, un même type de permis s'il remplit les conditions requises.

Article 53: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 54: Disposition abrogatoire

La Loi n^0 37/2008 du 11/08/2008 portant exploitation des mines et carrières, ainsi que toutes les dispositions légales antérieures et contraires à la présente loi, sont abrogées.

Ingingo ya 55: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 20/05/2014

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 55: Commencement

This law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 20/05/2014

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Article 55: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur à la date de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 20/05/2014

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. Pierre Damien HABUMUREMYI
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO N°13ter/2014 RYO KUWA 21/05/2014 RYEREKEYE IMPUNZI

LAW N° 13ter/2014 OF 21/05/2014 RELATING TO REFUGEES

LOI N° 13 ter/ 2014 DU 21/05/2014 RELATIVE AUX REFUGIES

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

UMUTWE WA II: ISHYIRWAHO RYA KOMITE ISHINZWE GUTANGA SITATI Y'UBUHUNZI N'INSHINGANO ZAYO

Ingingo ya 3: Ishyirwaho rya Komite Ishinzwe Gutanga Sitati y'Ubuhunzi, imiterere n'imikorere byayo

Ingingo ya 4: Inshingano za Komite Ishinzwe Gutanga Sitati y'Ubuhunzi

Ingingo ya 5: Abagize Komite Ishinzwe Gutanga Sitati y'Ubuhunzi

Ingingo ya 6: Ibigenerwa abagize Komite Ishinzwe Gutanga Sitati y'Ubuhunzi

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

Article 2: Definitions of terms

CHAPTER II: ESTABLISHMENT OF THE REFUGEE STATUS DETERMINATION COMMITTEE AND ITS RESPONSIBILITIES

Article 3: Establishment of the Refugee Status Determination Committee, its organisation and functioning

Article 4: Responsibilities of the Refugee Status Determination Committee

Article 5: Composition of the Refugee Status Determination Committee

Article 6: Benefits granted to members of the Refugee Status Determination Committee

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

Article 2: Définitions des termes

CHAPITRE II : CREATION DU COMITE DE RECONNAISSANCE DU STATUT DE REFUGIE ET SES ATTRIBUTIONS

Article 3: Création du Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié, son organisation et son fonctionnement

Article 4: Attributions du Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié

Article 5: Composition du Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié

Article 6: Appointements accordés aux membres du Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié

UMUTWE WA III: GUSABA UBUHUNGIRO NA SITATI Y'UBUHUNZI	**CHAPTER III: APPLICATION FOR ASYLUM AND REFUGEE STATUS**	**CHAPITRE III: DEMANDE D'ASILE ET DE STATUT DE REFUGIE**
Icyiciro cya mbere: Kwemererwa ubuhungiro	**Section One: Obtaining asylum**	**Section première: Obtenir l'asile**
Ingingo ya 7: Ibishingirwaho mu kwemererwa ubuhungiro	**Article 7: Requirements for obtaining asylum**	**Article 7: Conditions d'obtention de l'asile**
Icyiciro cya 2: Gusaba guhabwa sitati y'ubuhunzi	**Section 2: Application for refugee status**	**Section 2: Demande de statut de réfugié**
Ingingo ya 8: Gusaba guhabwa sitati y'ubuhunzi	**Article 8: Application for refugee status**	**Article 8: Demande de statut de réfugié**
Ingingo ya 9: Icyemezo cya Komite Ishinzwe Gutanga Sitati y'Ubuhunzi	**Article 9: Decision of the Refugee Status Determination Committee**	**Article 9: Décision du Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié**
Ingingo ya 10: Kumenyesha usaba sitati y'ubuhunzi icyemezo cya Komite Ishinzwe Gutanga Sitati y'Ubuhunzi	**Article 10: Notifying the refugee status applicant of the decision of the Refugee Status Determination Committee**	**Article 10: Notification au demandeur du statut de réfugié de la décision du Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié**
Ingingo ya 11: Gutakamba k'usaba sitati y'ubuhunzi	**Article 11: Appeal by a refugee status applicant**	**Article 11: Recours par le demandeur du statut de réfugié**
Ingingo ya 12: Icyangombwa gihabwa uwahawe sitati y'ubuhunzi	**Article 12: Identity document issued to the person granted refugee status**	**Article 12: Document d'identité délivré à la personne ayant obtenu le statut de réfugié**
Ingingo ya 13: Gutanga sitati y'ubuhunzi ku bantu bahunze mu kivunge	**Article 13: Granting refugee status to refugees in mass influx situations**	**Article 13: Octroi du statut de réfugié aux personnes ayant fui en masse**
Icyiciro cya 3: Ukutemererwa sitati y'ubuhunzi	**Section 3: Rejection of refugee status application**	**Section 3: Rejet de la demande du statut de réfugié**
Ingingo ya 14: Umuntu utemererwa sitati	**Article 14: A person ineligible for refugee status**	**Article 14: Personne inéligible au statut de**

y'ubuhunzi		**réfugié**
Ingingo ya 15: Ingaruka zo kutemererwa sitati y'ubuhunzi	**Article 15: Consequences of being denied refugee status**	**Article 15: Conséquences de se voir refuser le statut de refugié**
Icyiciro cya 4: Kwamburwa no kurangira kwa sitati y' ubuhunzi	**Section 4: Revocation and cessation of refugee status**	**Section 4: Révocation et cessation du statut de réfugié**
Ingingo ya 16: Kwamburwa sitati y'ubuhunzi	**Article 16: Revocation of refugee status**	**Article 16 : Révocation du statut de réfugié**
Ingingo ya 17: Kurangira kwa sitati y'ubuhunzi	**Article 17: Cessation of refugee status**	**Article 17: Cessation du statut de réfugié**
UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'IMPUNZI	**CHAPTER IV: RIGHTS AND OBLIGATIONS OF REFUGEES**	**CHAPITRE IV: DROITS ET DEVOIRS DES REFUGIES**
Icyiciro cya mbere: Uburenganzira bw'impunzi	**Section One: Rights of refugees**	**Section première: Droits des réfugiés**
Ingingo ya 18: Uburenganzira bw'impunzi buteganywa mu Masezerano Mpuzamahanga	**Article 18: Rights of refugees provided for by international instruments**	**Article 18 : Droits des réfugiés prévus par les instruments internationaux**
Ingingo ya 19: Guha ubwenegihugu impunzi	**Article 19: Naturalization of a refugee**	**Article 19: Naturalisation d'un réfugié**
Ingingo ya 20: Ishyingirwa ry'impunzi	**Article 20: Marriage of refugees**	**Article 20: Mariage des réfugiés**
Ingingo ya 21: Ihame ryo kutirukanwa	**Article 21: Principle of no-refoulement**	**Article 21: Principe de non-refoulement**
Icyiciro cya 2: Inshingano z'impunzi	**Section 2: Obligations of refugees**	**Section 2: Devoirs des réfugiés**
Ingingo ya 22: Inshingano yo kubahiriza amategeko u Rwanda rugenderaho	**Article 22: Obligation to comply with laws in force in Rwanda**	**Article 22: Devoir de respecter les lois en vigueur au Rwanda**
UMUTWE WA V: INKAMBI N'IMICUNGIRE YAZO	**CHAPTER V: REFUGEE CAMPS AND THEIR MANAGEMENT**	**CHAPITRE V: CAMPS DE REFUGIES ET LEUR GESTION**

Ingingo ya 23: Ahatuzwa impunzi n'umuntu usaba ubuhungiro	**Article 23: Place of settlement of a refugee and of an asylum seeker**	**Article 23: Lieu d'installation d'un réfugié et d'un demandeur d'asile**
Ingingo ya 24: Ahashyirwa inkambi n'uburyo bwo gutuza impunzi	**Article 24: Location of camps and modalities for refugee settlement**	**Article 24: Emplacement des camps et modalités d'installation des réfugiés**
Ingingo ya 25: Uburyo bwo gutura no kwimuka mu nkambi	**Article 25: Modalities for staying in and relocating from a camp**	**Article 25: Modalités suivies pour demeurer dans un camp et déménager d'un camp**
Ingingo ya 26: Imikoranire ya Leta n'abafatanyabikorwa bafasha impunzi ziri mu nkambi	**Article 26: Cooperation between Government and partners providing assistance to refugees in camps**	**Article 26: Coopération entre le Gouvernement et les partenaires portant assistance aux réfugiés dans les camps**
UMUTWE WA VI : GUSHAKIRA IMPUNZI IBISUBIZO BIRAMBYE	**CHAPTER VI: QUEST FOR DURABLE SOLUTIONS FOR REFUGEES**	**CHAPITRE VI: RECHERCHE DES SOLUTIONS DURABLES POUR DES REFUGIES**
Ingingo ya 27: Uburyo bwo gushakira impunzi ibisubizo birambye	**Article 27: Modalities for quest for durable solutions for refugees**	**Article 27: Modalités de recherche des solutions durables pour les réfugiés**
UMUTWE WA VII : INGINGO ZISOZA	**CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 28: Agaciro k'ibikorwa byakozwe	**Article 28: Validity of acts performed**	**Article 28: Validité des actes accomplis**
Ingingo ya 29: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	**Article 29: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 29: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 30: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 30: Repealing provision**	**Article 30: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 31: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa	**Article 31: Commencement**	**Article 31: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N°13ter/2014 RYO KUWA 21/05/2014 RYEREKEYE IMPUNZI

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 01 Mata 2014;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 31 Werurwe 2014;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 25, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 118, iya 121, iya 189, iya 190 n'iya 201;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye umubano hagati y'ibihugu yashyiriweho umukono i Viyena ku wa 18 Mata 1961yemerewe gukurikizwa na Repubulika y'u Rwanda n'Itegeko

LAW N°13ter/ 2014 OF 21/05/2014 RELATING TO REFUGEES

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 01 April 2014;

The Senate, in its session of 31 March 2014;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in articles 25, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 118, 121, 189, 190 and 201;

Pursuant to the Convention on Diplomatic Relations signed at Vienna on 18 April 1961, to which Rwanda accessed by the Law of 17 February 1964;

LOI N° 13 ter/ 2014 DU 21/05/2014 RELATIVE AUX REFUGIES

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés en sa séance du 01 avril 2014;

Le Sénat, en sa séance du 31 mars 2014;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 25, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 118, 121, 189, 190 et 201;

Vu la Convention sur les relations diplomatiques signée à Vienne le 18 avril 1961, à laquelle le Rwanda a adhéré par la Loi du 17 février 1964 ;

ryo ku wa 17 Gashyantare 1964;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye impunzi yashyiriweho umukono i Genève ku wa 28 Nyakanga 1951, yemerewe gukurikizwa na Repubulika y'u Rwanda n'Itegeko-Teka nº 29/79 ryo ku wa 22 Ukwakira 1979, ryemejwe n'Itegeko nº 01/82 ryo ku wa 26 Mutarama 1982;

Pursuant to the Convention relating to the Status of Refugees signed in Geneva on 28 July 1951, to which Rwanda accessed by Decree-Law n° 29/79 of 22 October 1979 confirmed by Law n° 01/82 of 26 January 1982;

Vu la Convention Internationale relative au statut des réfugiés signée à Genève le 28 juillet 1951, à laquelle le Rwanda a adhéré par le Décret-Loi n°29/79 du 22 octobre 1979 confirmé par la Loi n° 01/82 du 26 janvier 1982 ;

Ishingiye ku Masezerano y'Ingereka yo ku wa 31 Mutarama 1967 yerekeye impunzi yemerewe gukurikizwa na Repubulika y'u Rwanda n'Itegeko-Teka nº 29/79 ryo ku wa 22 Ukwakira 1979, ryemejwe n'Itegeko nº 01/82 ryo kuwa 26 Mutarama 1982;

Pursuant to the Protocol of 31 January 1967 relating to the Status of Refugees, to which Rwanda accessed by Decree-Law n°29/79 of 22 October 1979 confirmed by Law n°01/82 of 26 January 1982;

Vu le Protocole du 31 janvier 1967 relatif au statut des réfugiés, auquel le Rwanda a adhéré par le Décret-Loi n°29/79 du 22 octobre 1979 confirmé par la Loi n°01/82 du 26 janvier 1982 ;

Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika yo ku wa 10 Nzeri 1969 agenga ibibazo byihariye by'impunzi muri Afurika yemerewe gukurikizwa na Repubulika y'u Rwanda n'Itegeko-Teka nº 30/79 ryo ku wa 22 Ukwakira 1979, ryemejwe n'Itegeko nº 01/82 ryo ku wa 26 Mutarama 1982;

Pursuant to the Organization of African Unity's Convention of 10 September 1969 governing the Specific Aspects of Refugee Problems in Africa, to which Rwanda accessed by Decree-Law n°30/79 of 22 October 1979 confirmed by Law n°01/82 of 26 January 1982;

Vu la Convention de l'Organisation de l'Unité Africaine du 10 septembre 1969 régissant les aspects propres aux problèmes des réfugiés en Afrique, à laquelle le Rwanda a adhéré par le Décret-Loi n°30/79 du 22 octobre 1979 confirmé par la Loi n°01/82 du 26 janvier 1982 ;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 30/2008 ryo ku wa 25/07/2008 ryerekeye ubwenegihugu Nyarwanda;

Pursuant to Organic Law n°30/2008 of 25/07/2008 relating to Rwandan nationality;

Vu la Loi Organique n°30/2008 du 25/07/2008 portant code de la nationalité rwandaise ;

Isubiye ku Itegeko nº 34/2001 ryo ku wa 05/07/2001 ryerekeye impunzi nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Having reviewed Law nº 34/2001 of 05/07/2001 relating to refugees as modified and complemented to date;

Revu la Loi nº 34/2001 du 07/05/2001 sur les réfugiés telle que modifiée et complétée à ce jour ;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigenga impunzi ziri mu Rwanda n'abasaba ubuhungiro mu Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **impunzi:** umuntu wemerewe ubuhungiro hakurikijwe iri tegeko n'amasezerano mpuzamahanga yerekeye impunzi yashyizweho umukono na Leta y'u Rwanda;

2° **usaba ubuhungiro:** umuntu usaba kwemerwa nk' impunzi mu Rwanda;

3° **Minisitiri:** Minisitiri ufite impunzi mu nshingano ze;

4° **Minisiteri:** Minisiteri ifite impunzi mu nshingano zayo;

5° **ubutaka bw'u Rwanda:** ubusesure bw'ubutaka, inzuzi, ibiyaga,ikirere bya Repubulika y'u Rwanda na Ambasade z'u Rwanda.

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law governs refugees and asylum seekers in Rwanda.

Article 2: Definitions of terms

For the purpose of this Law, the following terms shall have the following meanings:

1° **refugee:** a person who has been granted asylum in accordance with this law and international instruments relating to the status of refugees ratified by Rwanda;

2° **asylum seeker:** a person applying for refugee status in Rwanda;

3° **Minister:** the Minister in charge of refugees;

4° **Ministry:** the Ministry in charge of refugees;

5° **Rwandan territory**: land, rivers, lakes and air space within the boundaries of the Republic of Rwanda and Rwandan Embassies.

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi régit les réfugiés et les demandeurs d'asile au Rwanda.

Article 2: Définitions des termes

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **réfugié:** personne dont l'asile a été accordé conformément à la présente loi et aux instruments internationaux relatifs au statut des réfugiés ratifiés par le Rwanda;

2° **demandeur d'asile :** personne qui sollicite le statut de réfugié au Rwanda ;

3° **Ministre :** Ministre ayant les réfugiés dans ses attributions ;

4° **Ministère:** Ministère ayant les réfugiés dans ses attributions ;

5° **territoire rwandais** : espace terrestre, fluvial, lacustre, aérien compris dans les limites des frontières de la République du Rwanda et les Ambassades du Rwanda.

UMUTWE WA II: ISHYIRWAHO RYA KOMITE ISHINZWE GUTANGA SITATI Y'UBUHUNZI N'INSHINGANO ZAYO

Ingingo ya 3: Ishyirwaho rya Komite Ishinzwe Gutanga Sitati y'Ubuhunzi, imiterere n'imikorere byayo

Hashyizweho Komite Ishinzwe Gutanga Sitati **y**'Ubuhunzi.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imiterere n'imikorere byayo.

Ingingo ya 4: Inshingano za Komite Ishinzwe Gutanga Sitati y'Ubuhunzi

Komite Ishinzwe Gutanga Sitati **y**'Ubuhunzi ifite inshingano zikurikira :

1° gusuzuma inyandiko z'abasaba sitati **y'**ubuhunzi mu Rwanda no kuzifataho ibyemezo;

2° kwambura sitati y'ubuhunzi hashingiwe ku biteganywa n'iri tegeko;

3° guha Minisitiri gahunda na raporo y'ibikorwa buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa.

CHAPTER II: ESTABLISHMENT OF THE REFUGEE STATUS DETERMINATION COMMITTEE AND ITS RESPONSIBILITIES

Article 3: Establishment of the Refugee Status Determination Committee, its organisation and functioning

There is hereby established a Refugee Status Determination Committee.

A Prime Minister's Order shall determine its organization and functioning.

Article 4: Responsibilities of the Refugee Status Determination Committee

The Refugee Status Determination Committee shall have the following responsibilities:

1° to consider and decide on asylum applications made by those applying for refugee status in Rwanda;

2° to revoke refugee status in accordance with the provisions of this Law;

3° to submit to the Minister an activity program and report each year and whenever necessary.

CHAPITRE II : CREATION DU COMITE DE RECONNAISSANCE DU STATUT DE REFUGIE ET SES ATTRIBUTIONS

Article 3: Création du Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié, son organisation et son fonctionnement

Il est créé un Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié.

Un arrêté du Premier Ministre détermine son organisation et son fonctionnement.

Article 4: Attributions du Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié

Le Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié a les attributions suivantes :

1° examiner les dossiers de ceux qui demandent le statut de réfugié au Rwanda et s'y prononcer;

2° révoquer le statut de réfugié en vertu des dispositions de la présente loi;

3° soumettre au Ministre le programme et le rapport d'activités chaque année et chaque fois que de besoin.

Ingingo ya 5: Abagize Komite Ishinzwe Gutanga Sitati y'Ubuhunzi

Abagize Komite Ishinzwe Gutanga Sitati **y**'Ubuhunzi baturuka mu nzego zikurikira:

1° Serivisi za Minisitiri w'Intebe;

2° Minisiteri ifite impunzi mu nshingano zayo;

3° Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga mu nshingano zayo;

4° Minisiteri ifite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano zayo;

5° Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano zayo;

6° Minisiteri ifite ingabo mu nshingano zayo;

7° Minisiteri ifite umutungo kamere mu nshingano zayo;

8° Minisiteri ifite umutekano mu Gihugu mu nshingano zayo;

9° Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano zayo;

10° Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Iperereza

Article 5: Composition of the Refugee Status Determination Committee

Members of the Refugee Status Determination Committee shall come from the following entities:

1° Prime Minister's Office;

2° the Ministry in charge of refugees;

3° the Ministry in charge of foreign affairs;

4° the Ministry in charge of local government;

5° the Ministry in charge of justice;

6° the Ministry in charge of defence forces;

7° the Ministry in charge of natural resources;

8° the Ministry in charge of internal security;

9° the Ministry in charge of health;

10° the National Intelligence and Security Service;

Article 5: Composition du Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié

Les membres du Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié proviennent des entités suivantes :

1° les Services du Premier Ministre ;

2° le Ministère ayant les réfugiés dans ses attributions ;

3° le Ministère ayant les affaires étrangères dans ses attributions ;

4° le Ministère ayant l'administration locale dans ses attributions ;

5° le Ministère ayant la justice dans ses attributions ;

6° le Ministère ayant les forces de défense dans ses attributions ;

7° le Ministère ayant les ressources naturelles dans ses attributions ;

8° le Ministère ayant la sécurité intérieure dans ses attributions ;

9° le Ministère ayant la santé dans ses attributions ;

10° le Service National de Renseignements et de Sécurité;

n'Umutekano;

11° Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu.

Ingingo ya 6: Ibigenerwa abagize Komite Ishinzwe Gutanga Sitati y'Ubuhunzi

Ibigenerwa abagize Komite Ishinzwe Gutanga Sitati **y**'Ubuhunzi bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA III: GUSABA UBUHUNGIRO NA SITATI Y'UBUHUNZI

Icyiciro cya mbere: Kwemererwa ubuhungiro

Ingingo ya 7: Ibishingirwaho mu kwemererwa ubuhungiro

Umuntu yemererwa ubuhungiro hashingiwe kuri ibi bikurikira:

1° gutinya gutotezwa kubera ubwoko bwe, idini rye, ubwenegihugu bwe, itsinda ry´abantu arimo, umuryango akomokamo cyangwa ibitekerezo bye binyuranyije n´imiyoborere y´igihugu abereye umwenegihugu, bityo kubera gutinya ntabe yashobora kwitabaza icyo gihugu ngo kimurinde;

2° kujya gushaka ubuhungiro hanze y´igihugu

11° the National Human Rights Commission.

Article 6: Benefits granted to members of the Refugee Status Determination Committee

Benefits granted to members of the Refugee Status Determination Committee shall be determined by a Prime Minister's Order.

CHAPTER III: APPLICATION FOR ASYLUM AND REFUGEE STATUS

Section One: Obtaining asylum

Article 7: Requirements for obtaining asylum

A person shall be eligible for asylum, if:

1° having a well-founded fear of persecution for reasons of race, religion, nationality, membership of a particular social group or political opinion different from the political line of the country of his/her nationality and owing to such fear, he/she is unable to avail himself/herself of the protection of that country;

2° owing to an external aggression, occupation,

11° la Commission Nationale des Droits de la Personne.

Article 6: Appointements accordés aux membres du Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié

Les appointements accordés aux membres du Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié sont déterminés par Arrêté du Premier Ministre.

CHAPITRE III: DEMANDE D'ASILE ET DE STATUT DE REFUGIE

Section première: Obtenir l'asile

Article 7: Conditions d'obtention de l'asile

Une personne est éligible à l'asile si :

1° ayant une peur fondée de persécution du fait de sa race, de sa religion, de sa nationalité, de son appartenance à un certain groupe social ou de ses opinions politiques différentes de la ligne politique du pays dont elle a la nationalité et, du fait de cette peur, elle ne peut se réclamer de la protection de ce pays ;

2° du fait d'une agression, d'une occupation

akomokamo cyangwa abereye umwenegihugu kubera ko igitero cyagabwemo, Igihugu cyigaruriwe cyangwa gitegekwa n´abanyamahanga, cyangwa se kubera izindi mpamvu zikomeye zahungabanyije umutekano wacyo, cyangwa mu karere kamwe kacyo.

foreign domination or events seriously disturbing public order in either part or in the whole of his/her country of origin or nationality, he/she was compelled to leave his/her place of habitual residence in order to seek refuge in another place outside his/her country of origin or nationality.

extérieure, d'une domination étrangère ou d'événements troublant gravement l'ordre public dans une partie ou dans la totalité de son pays d'origine ou du pays dont elle a la nationalité, elle quitte sa résidence habituelle pour chercher refuge dans un autre endroit à l'extérieur de son pays d'origine ou du pays dont elle a la nationalité.

Icyiciro cya 2: Gusaba guhabwa sitati y'ubuhunzi

Section 2: Application for refugee status

Section 2: Demande de statut de réfugié

Ingingo ya 8: Gusaba guhabwa sitati y'ubuhunzi

Article 8: Application for refugee status

Article 8: Demande de statut de réfugié

Usaba kuba impunzi agomba :

A person who applies for refugee status must:

Une personne qui demande le statut de réfugié doit :

1° kuba yageze ku butaka bw'u Rwanda;

1° be on the Rwandan territory;

1° être sur le territoire rwandais ;

2° guhita yiyereka urwego rw'ubuyobozi rwegereye aho yinjiriye kugira ngo uburenganzira bwa muntu bw'ibanze bubungabungwe.

2° report immediately to the local authority nearest to his/her point of entry for the protection of fundamental human rights.

2° se présenter immédiatement devant l'autorité locale la plus proche de son point d'entrée aux fins de la protection des droits fondamentaux de la personne.

Umuyobozi w'ibanze wakiriye usaba ubuhungiro agomba guhita amushyikiriza ibiro bishinzwe abinjira n'abasohohoka bimwegereye mu gihe cy'amasaha cumi n'abiri (12). Ibyo biro bimwandika mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) uhereye igihe yahagereye.

The local authority to whom the asylum seeker reports shall take him/her to the nearest immigration and emigration office within twelve (12) hours. This office shall register the asylum seeker within twenty four (24) hours from his/her arrival.

L'autorité locale devant laquelle un demandeur d'asile se présente doit le référer au bureau du service de l'immigration et émigration le plus proche dans un délai de douze (12) heures. Ce bureau procède à l'enregistrement du demandeur d'asile dans un délai de vingt-quatre (24) heures à compter de son arrivée.

Serivisi ifite abinjira n'abasohoka mu nshingano

The department in charge of immigration and

Le service ayant l'immigration et émigration dans

zayo isuzuma ikibazo cy'usaba ubuhungiro ikamuha uruhushya rw'agateganyo rwo kuba mu Gihugu rumara igihe kitarenze amezi atatu (3).

Serivisi ifite abinjira n'abasohoka mu nshingano zayo ishyikiriza Komite Ishinzwe Gutanga Sitati **y**'Ubuhunzi dosiye y'usaba sitati y'ubuhunzi mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15).

Ingingo ya 9: Icyemezo cya Komite Ishinzwe Gutanga Sitati y'Ubuhunzi

Komite Ishinzwe Gutanga Sitati **y**'Ubuhunzi isuzuma kandi isesengura dosiye y'usaba sitati y'ubuhunzi ikayifatira icyemezo mu gihe kitarenze iminsi mirongo ine n'itanu (45).

Icyemezo cya Komite Ishinzwe Gutanga Sitati **y**'Ubuhunzi kigaragaza impamvu yashingiyeho ifata icyemezo cyo kwemerera cyangwa kwangira sitati y'ubuhunzi uwayisabye.

Ingingo ya 10: Kumenyesha usaba sitati y'ubuhunzi icyemezo cya Komite Ishinzwe Gutanga Sitati y'Ubuhunzi

Perezida wa Komite Ishinzwe Gutanga Sitati **y**'Ubuhunzi amenyesha uwasabye sitati **y'**ubuhunzi icyemezo cyafashwe mu nyandiko ku busabe bwe, mu gihe kitarenze iminsi icumi kikimara gufatwa (10).

emigration shall review the case of the asylum seeker and grant to him/her a temporary residence permit valid for three (3) months.

The department in charge of immigration and emigration shall submit the file of refugee status applicant to the Refugee Status Determination Committee within fifteen (15) days.

Article 9: Decision of the Refugee Status Determination Committee

The Refugee Status Determination Committee shall consider and analyse the application for refugee status and decide thereon within forty-five (45) days.

The decision of the Refugee Status Determination Committee shall set out the reasons for granting or refusing to grant refugee status.

Article 10: Notifying the refugee status applicant of the decision of the Refugee Status Determination Committee

The Chairperson of the Refugee Status Determination Committee shall give the refugee status applicant a written notice of decision on his/her application within ten (10) days from the date the decision is made.

ses attributions examine le cas du demandeur d'asile et lui délivre une autorisation provisoire de séjour valable pour trois (3) mois.

Le service ayant l'immigration et émigration dans ses attributions soumet au Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié le dossier du demandeur du statut de réfugié dans un délai de quinze (15) jours.

Article 9: Décision du Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié

Le Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié examine et analyse le dossier du demandeur du statut de réfugié et s'y prononce dans un délai de quarante-cinq (45) jours.

La décision du Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié indique les raisons qui ont justifié l'octroi ou le refus du statut de réfugié.

Article 10: Notification au demandeur du statut de réfugié de la décision du Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié

Le Président du Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié notifie par écrit au demandeur du statut de réfugié la décision prise sur sa demande dans un délai de dix (10) jours à compter de la prise de cette décision.

Ingingo ya 11: Gutakamba k'usaba sitati y'ubuhunzi

Iyo uwasabye sitati y'ubuhunzi atanyuzwe n'icyemezo cya Komite Ishinzwe Gutanga Sitati **y**'Ubuhunzi, ashobora gutakambira Minisitiri mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu y'akazi (30), ibarwa uhereye ku munsi yamenyesherejweho icyo cyemezo.
Minisitiri watakambiwe afata icyemezo mu gihe cy'ukwezi kumwe (1).

Mu gihe yatakambye, usaba kwemererwa sitati y'ubuhunzi akomeza kugira uburenganzira bwo kuba mu Rwanda kugeza Minisitiri afashe icyemezo.

Article 11: Appeal by a refugee status applicant

If a person applying for refugee status is not satisfied with the decision of the Refugee Status Determination Committee, he/she may appeal to the Minister within a period of thirty (30) days from the date he/she was notified of the decision.

The Minister to whom the appeal is made shall decide thereon within one (1) month.

In case of appeal, the refugee status applicant shall continue to have the right to stay in Rwanda until the Minister decides on the appeal.

Article 11: Recours par le demandeur du statut de réfugié

Lorsque la personne ayant demandé le statut de réfugié n'est pas satisfaite de la décision du Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié, elle peut faire recours auprès du Ministre dans un délai de trente (30) jours à compter de la date de notification de la décision.
Le Ministre auprès duquel le recours est introduit s'y prononce dans un délai d'un (1) mois.

En cas de recours, le demandeur du statut de réfugié continue de jouir du droit de demeurer au Rwanda jusqu'à ce que le Ministre se prononce sur le recours.

Ingingo ya 12: Icyangombwa gihabwa uwahawe sitati y'ubuhunzi

Uwemerewe sitati **y'**ubuhunzi hamwe n'uwo bashakanye, abana babo batarageza ku myaka cumi n'umunani (18) y´amavuko ndetse n'abo areberera, bahabwa ikarita iranga impunzi.

Article 12: Identity document issued to the person granted refugee status

A refugee identity card shall be issued to the person granted refugee status, his/her spouse, children under the age of eighteen (18) years and persons under his/her dependence.

Article 12: Document d'identité délivré à la personne ayant obtenu le statut de réfugié

Il est délivré une carte d'identité pour réfugié à la personne ayant obtenu le statut de réfugié, à son conjoint, à ses enfants âgés de moins de dix-huit (18) ans et autres personnes sous sa dépendance.

Ingingo ya 13: Gutanga sitati y'ubuhunzi ku bantu bahunze mu kivunge

Abantu bahunze mu kivunge bashobora guhabwa sitati y'ubuhunzi mu buryo rusange kandi nta kindi basabwe. Icyemezo nk'icyo gifatwa na Minisitiri.

Gutanga sitati y'ubuhunzi muri rusange ntibibuza

Article 13: Granting refugee status to refugees in mass influx situations

Refugees in mass influx situations may be unconditionally granted prima facie refugee status. Such a decision shall be taken by the Minister.

The granting of prima facie refugee status shall not

Article 13: Octroi du statut de réfugié aux personnes ayant fui en masse

Les personnes ayant fui massivement peuvent se voir accorder le statut de réfugié prima facie et sans condition. Cette décision est prise par le Ministre.

L'octroi du statut de réfugié prima facie n'empêche pas le Comité de Reconnaissance du

ko Komite Ishinzwe Gutanga Sitati **y**'Ubuhunzi ishobora kwiga ubusabe bw'umuntu ku giti cye mu gihe bibaye ngombwa.

Iyo bigaragaye ko mu bantu bahunze mu kivunge harimo abari basanzwe ari abasirikare cyangwa bari mu mitwe yitwaje intwaro, inzego bireba zubahiriza ibi bikurikira:

1° gutandukanya abasivili, abasirikare n'abandi bitwaje intwaro;

2° kwambura intwaro n'ibindi bikoresho bya gisirikare ababifite;

3° gushyira abari bafite intwaro ahantu hihariye kandi harinzwe no gufata imyirondoro yabo;

4° gusaba abari bafite intwaro kwitandukanya n'ibikorwa bya gisirikare.

Abo bigaragara ko bamaze kwitandukanya n'ibikorwa byose bya gisirikare cyangwa by'imitwe yitwaje intwaro bajya mu cyiciro cy'abashobora gusaba sitati y'ubuhunzi.

prevent the Refugee Status Determination Committee from analysing individual applications where necessary.

When it appears that refugees having fled in mass influx situations include former soldiers or former members of armed groups, relevant organs shall be required to do the following:

1° to separate civilians from soldiers and other armed elements;

2° to take weapons and other military equipment away from those in possession thereof;

3° to transfer former armed elements to a specific guarded settlement and record their identification;

4° to ask formerly armed elements to withdraw from military activities.

Those who appear to have withdrawn from any military activities or any activities of armed groups shall fall under the category of those eligible to apply for refugee status.

Statut de Réfugié d'analyser les demandes individuelles, s'il le juge nécessaire.

Lorsqu'il se révèle qu'au nombre de personnes ayant fui en masse figurent des anciens soldats ou anciens membres de groupes armés, les organes concernés sont tenus de faire ce qui suit:

1° séparer les civils des soldats et d'autres éléments armés;

2° enlever des armes ou un autre matériel militaire à ceux qui en sont en possession ;

3° transférer les anciens éléments armés à un endroit spécifique gardé et enregistrer leur identification ;

4° demander aux anciens éléments armés de se désengager des activités militaires.

Ceux pour lesquels il se révèle qu'ils se sont désengagés de toute activité militaire ou des activités de groupes armés rentrent dans la catégorie de ceux qui ont le droit de demander le statut de réfugié.

Icyiciro cya 3: Ukutemererwa sitati y'ubuhunzi

Ingingo ya 14: Umuntu utemererwa sitati y'ubuhunzi

Nta muntu wemererwa sitati y'ubuhunzi mu gihe hari ibimenyetso bikomeye byo gukeka ko:

1° yakoze icyaha kibangamira amahoro, icyaha cy'intambara, icyaha cya Jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu nk'uko biteganywa n'Amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono;

2° yahamijwe n'inkiko ibyaha binyuranyije n´intego n´amahame y'ingenzi **y**´Umuryango w´Abibumbye n´iby´Umuryango w´Ubumwe bw´Afurika;

3° akurikiranyweho gukora icyaha cy'ubugome kitari icya politiki mbere y'uko ahungira mu Rwanda.

Ingingo ya 15: Ingaruka zo kutemererwa sitati y'ubuhunzi

Iyo usaba sitati **y**'ubuhunzi atabyemerewe mu buryo budasubirwaho, ashyikirizwa serivisi ishinzwe abinjira n'abasohoka mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) kibarwa uhereye igihe amenyesherejweho icyemezo kimwangira sitati y'ubuhunzi, hagakurikizwa amategeko agenga

Section 3: Rejection of refugee status application

Article 14: A person ineligible for refugee status

No person shall be eligible for refugee status if there is strong evidence indicating that:

1° he/she has committed a crime against peace, war crime, crime of genocide and other crimes against humanity as defined by international conventions ratified by Rwanda;

2° he/she has committed acts contrary to the main purposes and principles of the United Nations and of the African Union;

3° he/she is prosecuted for any felony other than a political crime before he/she takes refuge in Rwanda.

Article 15: Consequences of being denied refugee status

When a refugee status applicant is definitively denied refugee status, he/she shall be handed over to the department in charge of immigration and emigration within thirty (30) days from the date of notification of refugee status rejection. In such circumstances, legal provisions governing

Section 3: Rejet de la demande du statut de réfugié

Article 14: Personne inéligible au statut de réfugié

Personne n'est éligible au statut de réfugié s'il existe à son encontre des indices sérieux laissant présumer que:

1° elle a commis un crime contre la paix, un crime de guerre, un crime de génocide et autres crimes contre l'humanité tels que définis par les conventions internationales ratifiées par le Rwanda ;

2° elle a été reconnue coupable d'actes contraires aux principaux buts et principes des Nations Unies et de l'Union africaine ;

3° elle fait l'objet de poursuites pour crime non politique avant qu'elle ne se réfugie au Rwanda.

Article 15: Conséquences de se voir refuser le statut de refugié

Lorsque le demandeur du statut de réfugié se voit refuser définitivement le statut de refugié, il est livré au service ayant l'immigration et l'émigration dans ses attributions dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter de la notification de la décision de rejet de sa demande.

abinjira n'abasohoka.

Igihe giteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gishobora kongerwa inshuro imwe (1) gusa iyo hari impamvu zifite ishingiro.

Icyemezo cy'agateganyo giteshwa agaciro n'icyemezo ntakuka cyemerera cyangwa gihakanira uwasabye sitati y'ubuhunzi.

Icyiciro cya 4: Kwamburwa no kurangira kwa sitati y' ubuhunzi

Ingingo ya 16: Kwamburwa sitati y'ubuhunzi

Sitati y'ubuhunzi yamburwa umuntu wese iyo bigaragaye ko yayihawe hatubahirijwe ibivugwa mu ngingo ya 7 n'iya 14 z'iri tegeko.

Uwahawe sitati y'ubuhunzi mu kivunge ashobora kuyamburwa na Komite ishinzwe gutanga ubuhunzi kubera impamvu z'umutekano n'ubusugire bw'Igihugu.

Ingingo ya 17: Kurangira kwa sitati y'ubuhunzi

Sitati y'ubuhunzi irangira ku muntu wese:

1° wiyemeje, ku bushake bwe, kongera kurengerwa n'Igihugu afitiye ubwenegihugu;

immigration and emigration shall apply.

The deadline provided under paragraph One of this Article may be renewed only once (1) when there are valid reasons.

The provisional decision shall become null and void after the final decision of granting or denying the refugee status is made.

Section 4: Revocation and cessation of refugee status

Article 16: Revocation of refugee status

Refugee status shall be revoked when it subsequently appears that it was granted contrary to the provisions of Article 7 and 14 of this Law.

A person granted the refugee status on a prima facie basis may have his/her status revoked by the Refugee Status Determination Committee for reasons of territorial integrity and security of the nation.

Article 17: Cessation of refugee status

Refugee status shall cease for any person who:

1° has voluntarily re-availed him/herself of the protection of the country of his/her nationality;

Dans ce cas, les disposions légales régissant l'immigration et l'émigration s'appliquent.

Le délai prévu à l'alinéa premier du présent article peut être renouvelé une (1) seule fois en cas de raisons fondées.

La décision prise à titre provisoire s'annule par la décision définitive accordant ou refusant l'octroi du statut de réfugié.

Section 4: Révocation et cessation du statut de réfugié

Article 16 : Révocation du statut de réfugié

Le statut de réfugié est révoqué lorsqu'il s'est révélé ultérieurement qu'il a été accordé contrairement aux dispositions des articles 7 et 14 de la présente loi.

Une personne ayant bénéficié du statut de réfugié prima facie peut voir son statut révoqué par le Comité de Reconnaissance du Statut de Réfugié pour des raisons d'intégrité du territoire et de sûreté de l'Etat.

Article 17: Cessation du statut de réfugié

Le statut de réfugié cesse pour toute personne qui:

1° s'est volontairement réclamée à nouveau de la protection du pays dont elle a la nationalité;

2° wari waratakaje ubwenegihugu, nyuma akaza kongera kububona ku bushake;

3° ubonye ubundi bwenegihugu kandi akarengerwa n'igihugu kibumuhaye;

4° usubiye ku bushake mu gihugu yari yarahunze;

5° wari warahawe sitati y'ubuhunzi ariko atagifite uburenganzira bwo kwiyambaza igihugu yari yarahungiyemo ngo kimurengere kubera ko impamvu zari zaratumye ahabwa ubuhungiro zitakiriho;

6° udafite ubwenegihugu ariko impamvu zari zaratumye ahabwa sitati y'ubuhunzi zikaba zitakiriho akaba ashobora gusubira mu Gihugu yabagamo mbere y'uko ahunga.

2° having lost his/her nationality, has voluntarily re-acquired it;

3° has acquired a new nationality, and enjoys the protection of the country of his/her new nationality;

4° has voluntarily re-established him/herself in the country which he/she had fled;

5° had been granted refugee status but can no longer continue to avail him/herself of the protection of the country of asylum, because the circumstances in connection with which he/she has been recognized as a refugee has ceased to exist;

6° has no nationality and being in a position to return to the country of his/her former habitual residence because the circumstances in connection with which he/she had been recognized as a refugee have ceased to exist.

2° ayant perdu sa nationalité, l'a volontairement recouvrée;

3° a acquis une nouvelle nationalité et jouit de la protection du pays dont elle a acquis la nationalité;

4° est retournée volontairement s'établir dans le pays qu'elle avait quitté ;

5° avait obtenu le statut de réfugié mais ne peut plus continuer à se réclamer de la protection du pays d'asile parce que les circonstances selon lesquelles elle a été reconnue comme réfugiée ont cessé d'exister.

6° n'ayant pas de nationalité et les circonstances à la suite desquelles elle a été reconnue comme réfugiée ayant cessé d'exister, est en mesure de retourner dans le pays dans lequel elle avait sa résidence habituelle.

UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'IMPUNZI

Icyiciro cya mbere: Uburenganzira bw'impunzi

Ingingo ya 18: Uburenganzira bw'impunzi buteganywa mu Masezerano Mpuzamahanga

Bitanyuranyije n´andi mategeko, umuntu wese wemerewe sitati **y'**ubuhunzi mu Rwanda afite uburenganzira n´ubwisanzure biteganywa mu

CHAPTER IV: RIGHTS AND OBLIGATIONS OF REFUGEES

Section One: Rights of refugees

Article 18: Rights of refugees provided for by international instruments

Without prejudice to other laws, any person having obtained refugee status in Rwanda shall enjoy the rights and liberties provided for by international

CHAPITRE IV: DROITS ET DEVOIRS DES REFUGIES

Section première: Droits des réfugiés

Article 18 : Droits des réfugiés prévus par les instruments internationaux

Sans préjudice d'autres lois, toute personne ayant obtenu le statut de réfugié au Rwanda, jouit des droits et des libertés prévus dans les instruments

masezerano mpuzamahanga yerekeye impunzi yemejwe na Leta y´u Rwanda.

Ingingo ya 19: Guha ubwenegihugu impunzi

Impunzi ihabwa ubwenegihugu hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko y'u Rwanda.

Ingingo ya 20: Ishyingirwa ry'impunzi

Ishyingirwa ry'impunzi rigengwa n'amategeko y'u Rwanda.

Ibyangombwa bisabwa impunzi mu gihe cy'ishyingirwa bitangwa n'Umukozi w'irangamimerere w'aho impunzi iri ashingiye ku makuru n'ibyangombwa yahawe n'urwego rukurikirana impunzi umunsi ku wundi.

Mu gihe impunzi ishyingiranywe n'Umunyarwanda, igumana sitati y'ubuhunzi, keretse ihawe ubwenegihugu nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga.

Ingingo ya 21: Ihame ryo kutirukanwa

Nta mpunzi yirukanwa cyangwa ngo isubizwe ku gahato mu gihugu aho ubuzima cyangwa ubwisanzure bwayo bwabangamirwa kubera impamvu zavuzwe mu ngingo ya 7 y'iri tegeko.

instruments on refugees ratified by Rwanda.

Article 19: Naturalization of a refugee

A refugee shall be granted Rwandan nationality in accordance with Rwandan laws.

Article 20: Marriage of refugees

The marriage of refugees shall be governed by Rwandan laws.

Documents required for marriage of a refugee shall be issued by a civil status registrar whose jurisdiction covers the place of settlement of the refugee on the basis of information and documents availed by the organ responsible for the daily management of refugees.
When a refugee is married to a Rwandan, he/she shall keep his/her refugee status unless he/she acquires Rwandan nationality in accordance with relevant laws.

Article 21: Principle of non-refoulement

Under no circumstances may a refugee be sent back or deported to a country where his/her life or liberty may be in compromised for reasons provided for by Article 7 of this Law.

internationaux relatifs aux réfugiés ratifiés par le Rwanda.

Article 19: Naturalisation d'un réfugié

Un réfugié se voit accorder la nationalité rwandaise conformément à la loi rwandaise.

Article 20: Mariage des réfugiés

Le mariage des réfugiés est régi par la loi rwandaise.

Les documents requis pour le mariage d'un réfugié sont délivrés par un officier de l'état civil du lieu d'installation du réfugié sur base des informations et des documents mis à sa disposition par l'organe chargé du suivi quotidien des réfugiés.
Lorsqu'un réfugié est marié à un Rwandais, il conserve son statut de réfugié à moins d'acquérir la nationalité rwandaise conformément aux lois en la matière.

Article 21: Principe de non-refoulement

Un réfugié ne peut en aucun cas être renvoyé ou expulsé vers un pays où sa vie ou sa liberté peut être menacée pour des raisons visées à l'article 7 de la présente loi.

Icyiciro cya 2: Inshingano z'impunzi

Ingingo ya 22: Inshingano yo kubahiriza amategeko u Rwanda rugenderaho

Impunzi ifite inshingano yo kubahiriza amategeko, Amasezerano Mpuzamahanga u Rwanda rwemeye, amabwiriza u Rwanda rugenderaho, kimwe n'ibyemezo byose bigamije kubungabunga umutekano n'umudendezo rusange.

UMUTWE WA V: INKAMBI N'IMICUNGIRE YAZO

Ingingo ya 23: Ahatuzwa impunzi n'umuntu usaba ubuhungiro

Impunzi zije mu kivunge zigenerwa inkambi yo guturamo kure y'umupaka, ariko n'undi wahawe sitati y'ubuhunzi ku giti cye afite uburenganzira bwo gutura mu nkambi.

Umuntu wese wemerewe ubuhungiro agenerwa aho aba, igihe cyose atarabona sitati y'ubuhunzi.

Ingingo ya 24: Ahashyirwa inkambi n'uburyo bwo gutuza impunzi

Ahashyirwa inkambi n'uburyo bwo gutuza impunzi bigenwa na Minisitiri amaze kugisha inama izindi nzego bireba.

Section 2: Obligations of refugees

Article 22: Obligation to comply with laws in force in Rwanda

A refugee shall have the obligation to comply with laws, international instruments ratified by Rwanda, regulations in force in Rwanda as well as all measures taken for public security and order.

CHAPTER V: REFUGEE CAMPS AND THEIR MANAGEMENT

Article 23: Place of settlement of a refugee and of an asylum seeker

Refugees coming in mass influx situations shall be transferred to a settlement camp distant from the border. However, any other person granted individual refugee status shall be entitled to settle in a refugee camp.

Every person granted asylum shall be entitled to a shelter until he/she is granted refugee status.

Article 24: Location of camps and modalities for refugee settlement

The location of camps and modalities for refugee settlement shall be determined by the Minister after consultation with other relevant organs.

Section 2: Devoirs des réfugiés

Article 22: Devoir de respecter les lois en vigueur au Rwanda

Un réfugié a l'obligation de se conformer aux lois, aux instruments internationaux ratifiés par le Rwanda, aux règlements en vigueur au Rwanda ainsi qu'à toutes les mesures prises pour le maintien de la sécurité et de l'ordre public.

CHAPITRE V: CAMPS DE REFUGIES ET LEUR GESTION

Article 23: Lieu d'installation d'un réfugié et d'un demandeur d'asile

Les réfugiés ayant fui en masse sont transférés dans un camp d'installation éloigné de la frontière. Toutefois, toute autre personne ayant obtenu le statut de réfugié à titre individuel a aussi le droit de s'installer dans un camp de réfugiés.

Toute personne ayant obtenu l'asile se voit accorder un abri en attendant qu'elle obtienne le statut de réfugié.

Article 24: Emplacement des camps et modalités d'installation des réfugiés

L'emplacement des camps et les modalités d'installation des réfugiés sont déterminés par le Ministre après concertation avec d'autres organes concernés.

Ingingo ya 25: Uburyo bwo gutura no kwimuka mu nkambi

Impunzi cyangwa usaba ubuhungiro ntiyemererwa gutura cyangwa kwimuka mu nkambi mu gihe atabiherewe uburenganzira na Minisitiri.

Impunzi itagishaka kuba ahashyizwe inkambi ishobora kwimukira ahandi, imaze kubisaba mu nyandiko no kubyemererwa na Minisitiri.

Ingingo ya 26: Imikoranire ya Leta n'abafatanyabikorwa bafasha impunzi ziri mu nkambi

Leta y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bafatanya mu bikorwa bijyanye no gufasha impunzi.

Umufatanyabikorwa wese wemerewe gukorera mu Rwanda ashaka gufasha impunzi ziri mu nkambi abisabira uburenganzira Minisitiri.
Mbere yo guhagarika ibikorwa byawo mu nkambi Umufatanyabikorwa abimenyesha Minisitiri nibura mbere y'amezi atatu (3).

Article 25: Modalities for staying in and relocating from a camp

A refugee or an asylum seeker shall in no way stay in or relocate from a camp without prior authorization of the Minister.

A refugee who no longer wishes to stay in a camp may relocate to another place upon a written request addressed to and approved by the Minister.

Article 26: Cooperation between Government and partners providing assistance to refugees in camps

The Government of Rwanda and partners shall jointly participate in refugee assistance-related activities.

Any partner recognized in Rwanda that wishes to assist refugees in camps shall request for authorization from the Minister.
A partner that intends to cease its operations in a camp shall notify the Minister thereof at least three (3) months prior to the cessation of such operations.

Article 25: Modalités suivies pour demeurer dans un camp et déménager d'un camp

Un réfugié ou demandeur d'asile ne peut demeurer dans un camp ou déménager de ce camp sans l'autorisation préalable du Ministre.

Un réfugié qui ne veut plus demeurer dans un camp peut déménager vers un autre lieu après en avoir fait la demande par écrit au Ministre et obtenu son autorisation.

Article 26: Coopération entre le Gouvernement et les partenaires portant assistance aux réfugiés dans les camps

Le Gouvernement du Rwanda et les partenaires participent conjointement aux activités ayant trait à l'assistance aux réfugiés.

Tout partenaire agréé au Rwanda qui désire porter assistance aux réfugiés dans les camps adresse une demande d'autorisation au Ministre.
Un partenaire qui envisage de cesser ses activités dans le camp doit en aviser le Ministre au moins trois (3) mois avant la cessation de ces opérations.

UMUTWE WA VI : GUSHAKIRA IMPUNZI IBISUBIZO BIRAMBYE

Ingingo ya 27: Uburyo bwo gushakira impunzi ibisubizo birambye

Gushakira impunzi ibisubizo birambye bikorwa mu buryo butatu (3) bukurikira:

1° guhunguka ku bushake;

2° kwimukira mu kindi Gihugu cy'amahanga;

3° gutuzwa mu Gihugu.

Iteka rya Perezida rigena uko ibivugwa mu gace ka gatatu k'igika cya mbere cy'iyi ngingo bishyirwa mu bikorwa.

UMUTWE WA VII : INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 28: Agaciro k'ibikorwa byakozwe

Ibikorwa byakozwe hashingiwe ku Itegeko n° 34/2001 ryo ku wa 5/7/2001 ryerekeye impunzi nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu bigumana agaciro kabyo.

Ingingo ya 29: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu

CHAPTER VI: QUEST FOR DURABLE SOLUTIONS FOR REFUGEES

Article 27: Modalities for quest for durable solutions for refugees

The quest for durable solutions for refugees shall be made in the following three (3) procedures:

1° voluntary repatriation;

2° relocation to a third country;

3° resettlement.

A Presidential Order shall determine modalities for implementing the provisions of item 3 of Paragraph One of this Article.

CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS

Article 28: Validity of acts performed

Acts performed under Law nº 34/2001 of 05/07/2001 relating to refugees as modified and complemented to date shall remain valid.

Article 29: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted, considered and adopted in

CHAPITRE VI: RECHERCHE DES SOLUTIONS DURABLES POUR DES REFUGIES

Article 27: Modalités de recherche des solutions durables pour les réfugiés

La recherche des solutions durables pour les réfugiés se fait de l'une des trois (3) manières suivantes :

1° le rapatriement volontaire ;

2° déménagement vers un pays tiers;

3° la réinstallation.

Un arrêté présidentiel détermine les modalités de mise en application des dispositions du point 3 de l'alinéa premier du présent article.

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES

Article 28: Validité des actes accomplis

Les actes accomplis en vertu de la Loi nº 34/2001 du 05/07/2001 sur les réfugiés telle que modifiée et complétée à ce jour restent valables.

Article 29: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 30: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Itegeko n° 34/2001 yo ku wa 5/07/2001 ryerekeye impunzi nk' uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu n'izindi ngingo zose z'amategeko zibanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Ingingo ya 31: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **21/05/2014**

Kinyarwanda.

Article 30: Repealing provision

Law n° 34/2001 of 5/07/2001 relating to refugees as modified and complemented to date and other prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Article 31: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **21/05/2014**

Article 30: Disposition abrogatoire

La Loi n° 34/2001 du 07/05/2001 sur les réfugiés telle que modifiée et complétée à ce jour ainsi que toutes les autres dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 31: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **21/05/2014**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux